# Imvaho Nshya

Soma Usobanukirwe Buri Munsi

NO .E-15 | TARIKI 27 Gicurasi - 02 Kamena 2025 | RPC P.O.BOX 3854 KIGALI-RWANDA TEL: +250 785 474 045 E-mail: info@rpc.rw


Kwibuka
kwibuka twiyubaka
31


AMAKURU

Abasoje amasomo y'imyunga bibukijwe ko ari bwo urugendo rutangiye



2

AMAKURU

Twishimiye kuba abafatanyabikorwa ba Kazakhstan- Perezida Kagame



4

MU NTARA

Musanze: Munanguzi, inzoga y'inkorano iteje impagarara



17

SIPORO

Paris Saint Germain yegukanye UEFA Champions League ku nshuro ya mbere




23


# U Rwanda na Misiri byiyemeje kwagura ubutwererane mu bya gisirikare

**NTAWITONDA Jean Claude**

***Umugaba Mukuru w'Ingabo za Misiri Lieutenant General Ahmed Fathi Ibrahim Khalifa, ari mu ruzinduko rw'akazi rw'iminsi itatu mu Rwanda rugamije kurushaho kwimakaza ubutwererane mu bya gisirikare hagati y'ibihugu byombi.***

Kuri iki Cyumweru, Lt. Gen. Ahmed Fathi Ibrahim Khalifa yakiriwe n'Umugaba Mukuru w'Ingabo z'u Rwanda (RDF) Gen Mubarakh Muganga, ku Birindiro Bikuru biherereye ku Kimihurura mu Karere ka Gasabo.

Ubuyobozi bw'Ingabo z'u Rwanda buhamya ko urwo ruzinduko rukubiye mu mbaraga zikomeje gushyirwa mu kurushaho kwimakaza ubutwererane mu bya gisirikare hagati y'Ingabo z'ibihugu byombi.

Iyo ngo ni indi ntambwe ihambaye mu kurushaho gusigasira umubano w'u Rwanda na Misiri ukomeje gutera imbere mu rwego rw'ubuzima, amahugurwa no mu zindi nzego zinyuranye.

Ibiganiro by'Abagaba Bakuru b'Ingabo z'ibihugu byombi byibanze mu kurushaho kongerera ubushobozi imishinga ihuriweho, kurushaho kwagura ubutwererane, no gutahura izindi nzego nshya z'ubutwererane bufitiye inyungu ibihugu byombi.

KOMEZA KU RUP.3



U Rwanda na Misiri ni ibihugu bikomeje kwagura imikoranire mu bya gisirikare

## Qatar n'u Rwanda bongeye kuganira ku gukemura ibibazo bya DRC

**KAMALIZA Agnes**

***U Rwanda rwongeye guhurira na Qatar mu biganiro bigamije kurushaho kwimakaza ubutwererane no gukemura ibibazo by'umutekano birangwa mu Burasirazuba bwa Repubulika Iharanira Demokarasi ya Congo (RDC) bigira ingaruka ku Karere k'Ibiyaga Bigari.***

KOMEZA KU RUP.3

## Madamu Jeannette Kagame yitabiriye Inama y'Ihuriro ry'Abagore bo mu rwego rw'Imari




INKURU KU URUP.2

# Abasoje amasomo y'imyunga bibukijwe ko ari bwo urugendo rutangiye

**KAMALIZA Agnes**

***Guverinoma y'u Rwanda yagaragarije abanyeshuri 4 562 barangije amasomo yabo mu mashami atandukanye mu Ishuri Rikuru ry'Imyuga, Tekinike n'Ubumenyingiro, (RP) ko nubwo bafite igihamya ko basoje kwiga, ariko ari intangiriro y'urugendo rw'ubumenyi no guhanga udushya ku murimo.***

Ni ibyagarutsweho na Minisitiri w'Intebe Dr. Edourd Ngirente, kuri uyu wa Kane tariki ya 29 Gucurasi 2025, ubwo yari yitabiriye ibirori by'abasoreje amasomo yabo y'Imyuga, Tekinike n'Ubumenyingiro.

Minisitiri Ngirente yavuze ko u Rwanda rwishimiye kwakira abakiri bato ku isoko ry'umurimo bazanye ibitekerezo bishya bizafasha mu iterambere ry'igihugu mu byiciro bitandukanye haba mu buhinzi,ubwubatsi, amashanyarazi n'ibindi.

Yabibukije ko Isi ya none igendera ku muvuduko uri hejuru mu ikoranabuhanga bityo kuba basoje amasomo ari intangiriro yo gukomeza kwiga.

Yagize ati: "Isi igezweho isaba gukomeza kwiga no kwiyungura ubumenyi. Musabwa gukomeza kwiga no kongera ubumenyi kugira ngo muhore mupigana kuko kwiga ntibirangiye ahubwo ni itangiriro y'urugendo rurerure rw'ubumenyi, udushya no kwihesha agaciro. Mukoreshe ubuhanga kugira ngo muhindure kandi mutange umusanzu mu iterambere ry'Igihugu."

Minisitiri Ngirente yavuze ko ubumenyi bakuye mu ishuri bazatanga umusanzu ufatika mu kurema ibisubizo, iterambere ry'ubukungu no guhanga amahirwe mashya.

Yagaragaje ko amashuri y'imyuga n'ubumenyi ngiro




**Minisitiri w'Intebe Dr Ngirente Edouard yibukije abasoje amasomo ko ahubwo ari bwo urugendo ruba rutangiye**

yahinduye Isi mu buryo budasanzwe haba mu iterambere n'ubukungu.

Imibare itangazwa na RP igaragaza ko abanyeshuri barangije amasomo mu 2024, 70% bafite imirimo, barimo 59% bahise babona akazi mu gihe 11% bakomeje amasomo, n'abandi 18% bihangiye imirimo.

Minisitiri w'Uburezi, Nsengimana Joseph yagaragaje uburyo amashuri y'imyuga yahinduye uburezi bw'u Rwanda binyuze mu musaruro ugaragarira mu bayasoje.

Yabibukije ko bafite ubumenyi bavomye bagomba kuza gukoresha bakaba ba rwiyemezamirimo.

Yagize ati: "Uyu munsi si iherezo ahubwo ni itangiriro, mufite ubumenyi mwavomye, igihe mumaze mwiga muri RP ntabwo ari cyo kubategurira kujya mu mirimo gusa ahubwo muje kuyihanga, kuba abayobozi, abahanga udushya, munahindure sosiyete."

Minisitiri Nsengimana yababwiye ko igihugu kibahanze amaso, bityo bakwiye kuzana ibikenewe ku isoko ry'umurimo no gutanga umusanzu mu rugendo ruganisha mu cyerekezo 2050.

Ubuyobozi bwa RP bugaragaza ko kuva ku nshuro ya mbere bashyira ku isoko abasoje amashuri mu 2018, umubare wabo umaze kwiyongeraho 58%.

Naho umubare w'abakobwa basoje amasomo y'imyuga wariyongereye uva kuri 23% wariho mu 2024 ugera kuri 29% uyu mwaka.

# Madamu Jeannette Kagame yitabiriye Inama y'Ihuriro ry'Abagore bo mu rwego rw'Imari

**KAYITARE Jean Paul**

***Madamu Jeannette Kagame yitabiriye Inama Ngarukamwaka y'Ihuriro ry'Abagore bari mu rwego rw'Imari (Financial Alliance for Women Annual Summit) irimo kubera muri Kigali Convention Centre.***

Ni inama yateguwe ku bufatanye bwa Banki Nkuru y'u Rwanda n'Ikigo cy'Igihugu gihanira ko serivisi z'imari zigera kuri bose, Access to Finance Rwanda (AFR).

Ku wa Gatatu tariki 28 Gicurasi 2025, Inama Ngarukamwaka y'Ihuriro ry'Abagore bari mu rwego rw'Imari 2025, yitabiriwe n'abaturutse hirya no hino ku Isi barimo abo mu nzego zifata ibyemezo, abashoramari inzego z'ubugenzuzi, ibigo bito n'iciriritse biyoborwa n'abagore n'abandi.

Madamu Jeannette Kagame yavuze ko gushora imari muri ba rwiyemezamirimo b'abagore ari amahitamo meza igihugu cyakoze.

Yagize Ati: "Yego, kuri twe, gushora muri ba rwiyemezamirimo by'umwihariko ab'abagore, ni amahitamo ya nyayo."

Madamu Jeannette Kagame yashimye gahunda nk'iy'inama izafasha mu kuzamurira ubushobozi umugore ndetse no kumwemerera kugera ku ntego z'iterambere.

Muri iyo nama haganiriwe ku iterambere ry'abagore mu ishoramari n'ubucuruzi, harebwa uburyo bashyirirwaho imishinga igamije kubateza imbere ndetse na gahunda zibohereza kugera kuri serivisi z'imari.

Guverineri wa Banki Nkuru y'Igihugu, BNR, Soraya Hakuziyaremye yavuze ko mu myaka ishize u Rwanda rumaze gutera intambwe mu kubaka urwego rw'imari rudaheza kandi rwita ahanini mu gutanga serivisi z'imari mu buryo bungana.

Ubushakashatsi bwa 'FinScope 2024 ku buringanire mu kugerwaho na serivisi z'Imari bwagaragaje ko mu Rwanda abagore bagera kuri 96% bagerwaho na serivisi z'imari, bavuye kuri 92% mu mwaka wa 2020.

Ni ubushakashatsi bwakozwe na Access to Finance Rwanda




**Madamu Jeannette Kagame yavuze ko gushora imari muri ba rwiyemezamirimo b'abagore ari amahitamo y'Igihugu**

(AFR) muri Werurwe 2025, ifatanyije na Minisiteri y'Imari n'Igenamigambi (MINECOFIN), Minisiteri y'Uburinganire n'Iterambere ry'Umuryango (MIGEPROF), Banki Nkuru y'Igihugu (BNR) n'izindi nzego.

Raporo yerekanye ko ikinyuranyo cyo kubona serivisi z'imari z'ibigo byanditse harimo banki n'ibigo by'imari hagati y'abagore n'abagabo cyagabanyutse, aho cyavuye kuri 7% mu 2020 kigera kuri 4% mu 2025.

Byagaragaye ko abagore 17% ari bo bafite konti muri za banki, mu gihe abagabo ari 27%, bikaba mu bituma abagore bamwe batabasha kugerwaho na serivisi z'imari.

Nubwo bimeze uko ubwo bushakashatsi bwerekanye ko abagore bakoresha serivisi z'imari binyuze kuri telefone, ibizwi nka Mobile Money, bavuye kuri 55% mu 2020 bagera kuri 73% mu 2024.





# U Rwanda na Misiri byiyemeje kwagura ubutwererane mu bya gisirikare

IBIKURIKIRA URUP.1

Ibyo biganiro byakurikiwe n'isinywa ry'amasezerano y'ubutwererane hagati y'Abagaba Bakuru n'Ibihugu byombi, aho barushijeho gushimangira ubushake bw'ingabo z'ibihugu byombi bwo guharanira ubufatanye bw'igihe kirekire kandi buramba.

Mbere yo gusura Ibiridiro Bikuru bya RDF, Lt. Gen. Ahmed Fathi Ibrahim Khalifa yabanje gusura Urwibutso rwa Jenoside rwa Kigali ku Gisozi , aho yunamiye inzirakarengane zazize Jenoside yakorewe Abatutsi mu 1994.



**U Rwanda na Misiri ni ibihugu bikomeje kwagura imikoranire mu bya gisirikare**

U Rwanda na Misiri bisanzwe bifitanye amasezerano atandukanye mu nzego zirimo tekiniki, iterambere ry'inganda n'ubucuruzi, ubuhinzi, uburezi, urubyiruko, ubuzima n'izindi.

Mu 2017, Perezida wa Misiri Abdel Fatah Al Sissi yaje mu Rwanda mu ruzinduko rwari rugamije gutsura umubano w'ibihugu byombi.

U Rwanda na Misiri kandi bifitanye umubano urenze uwa politiki, ibihugu byombi bisangiye kuba mu isoko rusange rihuza ibihugu byo mu Burasirazuba no mu Majyepfo ya Afurika (COMESA), iryo soko ryemerera ibihugu birigize kohererezanya ibicuruzwa nta misoro.

Nanone kandi ibihugu byombi binahuzwa n'icyogogo cy'uruzi rwa Nil aho u Rwanda rufite amasoko arurasukiramo.

Ubutwererane bw'u Rwanda na Misiri ni ubw'igihe kurekire kuko icyo gihugu gifite ambasade yacyo i Kigali guhera mu 1976 mu gihe iy'u Rwanda i Cairo na yo yongeye gufungurwa muri Werurwe 2015.


# Qatar n'u Rwanda bongeye kuganira ku gukemura ibibazo bya DRC

IBIKURIKIRA URUP.1

Ibiganiro byahuje Minisitiri w'Ububanyi n'Amahanga n'Ubutwererane w'u Rwanda, Olivier Jean Patrick Nduhungirehe na Minisitiri w'Intebe akaba na Minisitiri w'Ububanyi n'Amahanga wa Qatar Sheikh Mohammed bin Abdulrahman bin Jassim al-Thani kuri iki Cyumweru tariki ya 1 Kamena 2025.

Minisitiri Nduhungirehe ari mu ruzinduko rw'akazi muri Qatar nk'igihugu gifitanye umubano uzira amakemwa n'u Rwanda cyiyemeje gutanga umusanzu wacyo mu gukemura ibibazo by'umutekano muke mu Burasirazuba bwa RDC no mu Karere k'Ibiyaga Bigari.

Impande zombi zaganiriye ku mbaraga zakongerwa kugira ngo umwuka mubi hagati y'u Rwanda na DRC uhoshe, ndetse haboneke n'umuti urambye ushingiye ku kurandura impamvu shingiro



**Qatara n'u Rwanda bongeye kugirana ibiganiro ku gukemura ibibazo by'umutekano muke muri RDC**

z'umutekano muke mu Burasirazuba bwa RDC.

Abo bayobozi bombi banaganiriye ku mubano w'ibihugu byombi n'uko barushaho kunoza ubufatanye mu mikoranire.

Mohammed bin Abdulrahman ahuye na Nduhungirehe nyuma y'ibiganiro yagiranye na Perezida wa Komisiyo y'Umuryango wa Afurika Yunze Ubumwe, Mahamoud Ali Youssouf uri muri icyo gihugu, na byo byibanze ku guhosha umwuka mubi hagati y'u Rwanda na DRC.

Qatar yiyemeje kuba umuhuza hagati y'ibihugu byombi mu gushaka umwuka mwiza ndetse no muri Werurwe uyu mwaka yahuje Perezida w'u Rwanda Paul Kagame na Perezida wa RDC Felix Antoine Tshisekedi Tshilombo wari wararahiye ko atazongera guhurira na we ku Isi.

Icyo gihe Perezida Kagame na Tshisekedi bashimiye Quatar ku biganiro byiza byafashije kubaka icyizere mu rugendo rugamije gushakira amahoro arambye Repubulika Iharanira Demokarasi ya Congo n'Akarere muri rusange.

# Twishimiye kuba abafatanyabikorwa ba Kazakhstan- Perezida Kagame

**NTAWITONDA Jean Claude**

**Perezida wa Repubulika y'u Rwanda Paul Kagame, yavuze ko u Rwanda rwishimiye kuba umufatanyabikorwa n'inshuti ya Kazakhstan nk'igihugu cyateye intambwe ishimishije mu iterambere.**

Yashimiye ubuyobozi bwa Kazakhstan bushyira imbere iterambere ry'abaturage, ahamya ko iryo terambere rishingira ku gukorana n'abafatanyabikorwa baboneye.

Yagize ati: "Kazakhstan yateye intambwe zifatika mu iterambere, zihura n'umusanzu igyo gihugu gitanga mu ruhando mpuzamahanga. Ibi bigaragaza ubuyobozi bwawe Nyakubahwa Perezida, no ku kwiyemeza kw'abaturage ba Kazakhstan. Twishimiye kuba abafatanyabikorwa n'inshuti."

Yakomeje avuga ko Abanyarwanda bazi neza ko iterambere nk'iryo Kazakhstan yagezeho byubakwa mu gihe runaka binyuze mu miyoborere myiza, no gukorana n'abafatanyabikorwa beza. Ati: "Ni yo mpamvu turi hano."

Perezida Kagame uri mu ruzinduko rw'iminsi ine rwatangiye ku wa Kabiri tariki ya 27 Gicurasi, shamimiye Perezida Kassym-Jomart Tokayev wamutumiye n'uko yabakiranye urugwiro mu Murwa Mukuru, Astana.

Yagarutse ku biganiro yagiranye na Perezida Kassym-Jomart Tokayev byatanze umusaruro, ati: "Ibihugu byacu byombi n i inshuti nziza n'abafatanyabikorwa kandi turashaka kubakira kuri uwo musingi



**Perezida Paul Kagame yashimiye ubuyobozi bwa Kazakhstan bushyira imbere iterambere ry'abaturage**

ukomeye mu kurushaho kwimakaza ubufatanye dufitanye."

Yakomeje avuga ko nk'ibihugu byasinyanye amasezerano, u Rwanda na Kazakhstan biteganya kurushaho kubyaza umusaruro amahirwe y'ubufatanye haba mu nzego z'ubucuruzi, ikoranabuhanga cyangwa ubuhinzi kandi bikanahererkanya ubunararibonye.

Yavuze kandi ko mu masezerano ruange y'ubutwererane mu bucukuzi bw'amabuye y'agaciro, u Rwanda rwiteze kungukira cyane ku bunararibonye bwa Kazakhstan by'umwihariko mu rwego rw'ingufu, ubucukuzi bw'amabuye y'agaciro no gutunganya umusaruro w'ubucukuzi.

Yakomeje agira ati: "Mu Rwanda dukomeje gushora imari mu gukorera ibintu iwacu, atari mu nkingo gusa nk'uko na Kazakhstan ari byo irimo. Twiteguye kubakira kuri ubu bunararibonye dusangiye mu gukomeza guhanga ibishya byungura abaturage bacu."

Perezida Kagame yaboneyeho gushimira Guverinoma ya Kazakhstan yamutumiye mu Inama Mpuzamahanga ya Astanam itanga urubuga kuri za Leta rwo kwagura ubutwererane mu nzego zitandukanye.

Yavuze ko mu gihe imiyoborere mpuzamahanga ikomeje gucikamo ibice, abtuye Isi bakwiye kwirinda ko ibyabutandukanya, ahubwo bagaharanira kugira ahantu bahurira mu myumvire no mu mikorere.

Perezida Kagame yaboneyeho gutumira mugenzi we wa Pakistan mu ruzinduko mu Rwanda mi minsi iri imbere.

# Kigali: Ba rwiyemezamirimo biyemeje guhinduka bagaha abakozi ibyo bemererwa n'amategeko

**KAMALIZA Agnes**

***Ba rwiyemezamirimo bo mu Mujyi wa Kigali biyemeje kurushaho kubahiriza amategeko agenga umurimo; bagaha abakozi amasezerano y'akazi yanditse, bakabahembera ku bigo by'imari byemewe cyangwa banki ndetse bakanabazigamira.***

Ni ibyagarutsweho kuri uyu wa Gatanu, tariki ya 30 Gicurasi 2025 mu nama nyunguranabitekezo ku ihangwa ry'umurimo unoze.

Ikaba yahurije hamwe abarenga 2 000 mu gihugu hose barimo abikorera, abayobozi mu nzego zitandukanye, abahagarariye imiryango itari iya Leta, abanyamadini, abahagarariye urubyiruko ndetse n'abandi bafatanyabikorwa aho bahuriye n'umurimo.

Ba Rwiyemezamirimo banzuye ko bikwiye kuba umuco guha abakozi ibyo bagenerwa n'amategeko kuko biteza imbere umusaruro n'iterambere by'abakozi n'ibigo bakorera.

Inararibonye mu by'Umurimo, Sendanyoye John agaragaza ko bisaba ubufatanye kugira ngo umurimo ukorwe kandi abakozi bakore batekanye bityo ko igikenewe ari ukubaha ibyo bemerewe byose kugira ngo umurimo unoge.

Yagize ati: "Icyo isoko ry'umurimo rikeneye ni ubumenyi. Igikenewe ni uko abikorera bumva bagaha agaciro umukozi agakora afite umutuzo kugira ngo n'uwo musaruro babifuzamo uboneke."

Minisiteri y'Abakozi ba Leta n'Umurimo (MIFOTRA) igaragaza ko gufata abakozi neza hakubahirizwa amategeko yiyemejwe bituma batekana bagatanga n'umusaruro mu kazi kabo.

Minisitiri wa MIFOTRA, Amb. Christine Nkulikiyinka agaragaza ko amategeko y'umurimo asanzweho kandi agomba kubahirizwa ikiri gukorwa ari ugukangurira abakoresha kuyubahiriza byaba ngombwa aho atubahirijwe bagahanwa.



**Ba rwiyemezamirimo b'i Kigali biyemeje guha abakozi amasezerano y'akazi**

Yagize ati: "Amategeko ariho agomba kubahirizwa. Ni ukugenda dukangurira abakoresha bose kuba babyitabira bakayubahiriza utayubahirije agahanwa ariko ntabwo dushaka kwiruka duhana ariko ni ukubakangurira, tukabaganiriza."

Yongeyeho ko icyo babona cy'ingenzi ari ukubaganiriza kuko hari bamwe baganirijwe bakumva kandi bakabyubahiriza ndetse bakumva agaciro kabyo.

Mu bindi ba rwiyemezamirimo n'abafatanyabikorwa biyemeje harimo kurushaho gukomeza kwagura ibikorwa n'amahirwe y'ihangwa ry'umurimo hashingiwe ku mahirwe yegereye abaturage, gutegura, kwigira no kwimenyereza umurimo ku banyeshuri no gukomeza guteza imbere ihangwa ry'umurimo.

Umujyi wa Kigali wiyemeje kuzajya usangiza amakuru ibigo by'amashuri makuru na Kaminuza ku mishinga minini ikorerwa mu mujyi hagamijwe guhuza igenamigambi kuri gahunda za igira ku murimo.

Aho abanyeshuri bagomba kujya bajya kwimenyereza umurimo kuko bizamura ubumenyi bukenewe ku isoko ry'Imirimo.

Bemeranyijwe no gukomeza ibiganiro bigamije gukangurira urubyiruko kwihangira imirimo no gukemura imbogamizi zibuza amahirwe urubyiruko rufite imishinga y'ishoramari itanga icyizere kubona igishoro.

Bemeje kandi gushyira ingufu mu bujyanama bufasha urubyiruko rwamaze kwihangira imirimo hagamijwe kubafasha guteza imbere imirimo bakora no kugabanya umubare wa buzinesi zipfa nyuma yo guhangwa.

Gahunda ya Guverinoma yo kwihutisha iterambere mu cyiciro cyayo cya kabiri (NST2), yemeza ko hazahangwa imirimo ibyara inyungu nibura miliyoni 1,25 ndetse buri mwaka hazajya hahangwa imirimo ibihumbi 250.





# Kigali: Ahategerwa bisi hagiye gushyirwa ibyapa bigaragaza igihe zihagerera

**ZIGAMA Theoneste**

***Umujyi wa Kigali watangaje ko ugiye gushyiraho uburyo bushya bwo gufasha abagenzi bategera imodoka za bisi ku tuzu turi ku mihanda twabugenewe, hamanikwa ibyapa bigaragaza igihe ziza kunyuriraho.***

Ni mu rwego rwo kunoza ingendo muri uwo Mujyi, ndetse no gufasha abagenzi kutarambirwa bategereje izo modoka ahubwo bakahagera mu gihe cya nyacyo bahita babona busi zibatwara.

Umuvugizi w'Umujyi wa Kigali, Ntirenganya Emma Claudine, yabwiye RBA ko ubwo buryo burimo kunozwa.

Yagize ati: "Uko bigenda binozwa kurushaho hazajya hanashyirwa n'ibyapa byerekana igihe bisi zitambukira".

Abatega imodoka mu Mujyi wa Kigali bahamya ko mu gihe ubwo buryo bwo kubamenyesha igihe imodoka zibagereraho, bwaba bushyizweho byababafasha mu ngendo.

Yagize ati: "Iyi gahunda twayishimira cyane, urugero ushobora kumenya igihe imodoka ihagerera, uwo usize inyuma ukavuga uti, imodoka igeze aha n'aha tebuka."

Undi ati: "Ni ibintu bifite umumaro kuri twebwe, kuko hari ubwo utegereza imodoka utazi, igihe iri buzire, kubyihutisha ni ingenzi."

Ntirenganya yagaragaje ko uretse gushyira muri utwo tuzu iryo koranabuhanga rimenyesha abagenzi igihe imodoka bateze izira, Umujyi wa Kigali, ukomeje gahunda yo kunoza imyubakire yatwo kugira ngo dukomeze gufasha abagenzi kwikinga imvura n'izuba, kubona ahantu habugenewe hafasha ababyeyi kwicara bakonsa abana.

Yashimangiye ko kandi ari n'ahantu hifashishwa n'abikorera mu gukumenyekanisha ibyo bakora kandi asaba abagenzi gukomeza kubungabunga isuku yaho.

Ati: "Niba ufite ibyo ugiye guta nk'imyanda, wibita aho ubonye bishyire ahagenewe gushyira imyanda. Hari abo twagiye tubona, ukangiza intebe, igira ngo ubone icyuma cyo kujya kugurisha amafaranga make cyane, atari bugire n'icyo akumarira ariko ukaba wangije cya gikorwa rusange gifitiye abantu akamaro.

Twabasaba gukomeza kurinda ibikorwa rusange biba byashyizweho."

Abaturage kandi bashima ko ubu ku mihanda itandukanye y'Umujyi wa Kigali hakomeje gushyirwaho utuzu tubafasha mu gihe bategereje imodoka.

Uwitwa Ndugu Gratien ati: "Ubu imvura yazindutse igwa ari nyinshi nari nugamyemo, ubu irahise mbona kuza gutegereza.

Undi ati: "Urahagera ugashyira umuriro muri telefoni nta cyo bakwishyuza kandi hari aho ducaginga bakatwishyuza amafaranga 100 cyangwa 200."

Nubwo bimeze bityo ariko kimwe mu bikomeje kubangamira urwego rw'ubwikorezi rusange mu Mujyi wa Kigali ni umwanya munini umugenzi amara ategereje bisi cyangwa uwo amara mu nzira kubera umuvundo w'imodoka nyinshi.

Emma Claudine, umwaka ushize yabwiye itangazamakuru ko mu rwego rwo gukemura kimwe muri ibyo bibazo bituma imodoka zitinda mu nzira harimo gushyiraho ibisate by'imihanda byagenewe bisi nini gusa.



**Ahategerwa bisi mu Mujyi wa Kigali ku tuzu turi ku mihanda twabugenewe, hagiye kujya hamanikwa ibyapa bigaragaza igihe ziza kunyuriraho**




**RwandAir yasobanuye ibijyanye na eSIM**

# RwandAir yamaze impungenge abibaza kuri serivisi ya eSIM

**KAYITARE Jean Paul**

***Nyuma y'aho hari bamwe mu bakoresha imbuga nkoranyambaga bagaragarije impungenge zo gukoresha serivisi ya eSIM, RwandAir yamaze impungenge abibaza kuri iyi serivisi, igaragaza ko nta kibazo cy'umutekano ku bayikoresha.***

eSIM ni simukadi y'ikoranabuhanga ishyirwa muri telefoni zigezweho zizwi nka 'Smartphone' no mu bindi bikoresho by'itumanaho idasaba ko waba ufite simukadi ifatika.

Iyi serivisi ifasha uyikoresha kujya ku muyoboro we w'itumanaho atagombye gushyira simukadi muri telefoni ye.

Ubuyobozi bwa RwandAir bwabwiye Imvaho Nshya ko umutekano w'abagenzi bakoresha iyi serivisi wizewe.

Bugira buti: "Umutekano w'abakoresha izi servisi urizewe ijana ku ijana (100%)".

Isosiyete ya RwandAir yashyizeho iyi serivisi mu rwego rwo korohereza abagenzi bayo kujya ku murongo ku buryo buboroheye.

Abakoresha eSIM bari mu mahanga bagabanyirizwa igiciro kugera kuri 85% bya interineti.

Ubuyobozi bwa RwandAir bwahamirije Imvaho Nshya ko umugenzi akigera aho agiye ahita ajya ku murongo.

Bugira buti: "Nta ngaruka zo gutakaza ikarita yawe, sinangombwa gushaka simukadi ukigera ku kibuga cy'indege."

RwandAir itangaza ko ibiciro bya eSIM bitandukanye bitewe n'igihugu cyangwa na interineti umuntu yifuza kugura.

Serivisi ya eSIM ikoreshwa mu bihugu bisaga 150 RwandAir ikoreramo ingendo.

RwandAir ifite imishinga myinshi yo kunoza serivisi zayo hakoreshejwe ikoranabuhanga rigezweho.

Zimwe muri serivisi ziheruka gutangwa na RwandAir harimo iyitwa 'RwandAir Holidays' aho umuntu ashobora gutegura urugendo rwe hakubiyemo, itike y'indege, amacumbi n'imodoka.

# Ibigo 30 byigisha ikoranabuhanga bigiye kubakwa mu Rwanda

**KAMALIZA Agnes**

***Mu bice bitandukanye by'Igihugu hagiye kubakwa ibigo 30 bigezweho by'ikoranabuhanga bizigisha amasomo atandukanye arimo ajyanye n'ubwenge buhangano (AI), ubuhinzi bugezweho no gutunganya umusaruro w'ibibukomokaho, gukora drone no kuzicunga, umutekano w'ibikorerwa ku ikoranabuhanga (Cyber security) n'ibindi.***

Urwego rw'Igihugu rushinzwe Guteza imbere Imyuga n'Ubumenyingiro (RTB) rugaragaza ko aho Isi igeze ibintu byinshi byimukiye ku ikoranabuhanga kandi u Rwanda rutagomba gusigara inyuma.

Ku ukubitiro ayo mashuri aratangira kubakwa mu turere 15 turimo Karongi, Bugesera, Rulindo, Ngoma, Kamonyi n'utundi.

Umuyobozi Mukuru wa RTB, Eng. Paul Umukunzi, yagize ati: "Ubu tugiye gutangirana na 15 yamaze kubona ingengo y'imari, ibibanza byarabonetse tugiye gutangira akazi nibwira ko mu myaka ibiri cyangwa itatu ayo mashuri azaba akora."

Yagaragaje ko buri shuri muri ayo rifite agaciro kari hagati ya miliyari 10 na 13 z'amafaranga y'u Rwanda bitewe na porogaramu zizajyamo.

Gahunda ya Guverinoma yo kwihutisha iterambere NST2, igaragaza ko abantu babarirwa muri miliyoni biganjemo urubyiruko bazahabwa amasomo y'ikoranabuhanga, abandi ibihumbi 500 bahabwe amahugurwa ahanitse ku ikoranabuhanga.

Hari ukwimakaza ikoreshwa rya AI na robo mu ngeri zitandukanye zirimo uburezi, ubuzima, ubuhinzi, inganda, ubutabera, imari, n'izindi nzego zitandukanye.

Eng. Umukunzi avuga ko bitewe n'umuvuduko ikoranabuhanga riri kugenderaho aho amafaranga abikwa ku ikoranabuhanga n'ubujura burushaho kwiyongera, ari na yo mpamvu hakenewe amasomo azatyaza inzobere zo kubungabunga no gucunga ibiriberaho.

Gahunda ya NST1 yasize u Rwanda rutanga serivise zirenga 200 hifashishijwe ikoranabuhanga by'umwihariko hakoreshwa urubuga rwa Irembo aho ubwinshi bw'abasabye mu 2023, wazamutseho 42% ukava kuri miliyoni 5.9 ukagera kuri miliyoni 8.4.

Gahunda ya NST2 ishimangira hazaba hari ibikorwaremezo, gushyira imbaraga mu birebana n'umutekano mu by'ikoranabuhanga, kubaka imijyi yimakaza ikoranabuhanga 'smart city' n'ibindi bijyanye na ryo.

Ku bijyanye n'utudege tutagira abapilote, (Drones) Eng. Umukunzi avuga ko twahinduye kandi duteza imbere inzego zitandukanye zirimo ubuzima ari na yo mpamvu u Rwanda rukeneye kwigisha kuzikora, kuziyobora no kuzicunga zikarushaho gukoreshwa no mu zindi nzego.

Yemeza ko u Rwanda rukwiye kwihaza mu musaruro ukomoka ku buhinzi, rubikesheje kubukora mu buryo bugezweho no gutunganya umusaruro wabwo.

Yagize ati: "Dufite n'aho bazigisha ubuhinzi ariko mu ikoranabuhanga rigenzweho. Turashaka gukora ubuhinzi bugenzweho aho twaba tutagitunzwe n'ibyo kurya byo hanze ahubwo tugashyira imbaraga mu gutunganya umusaruro tukabishyira ku isoko mpuzamahanga."



**Hagiye kubakwa ibigo 30 bigezweho by'ikoranabuhanga bizigisha amasomo atandukanye arimo ajyanye n'ubwenge buhangano (AI)**



**Umuyobozi wa RFI, Lt Col (Rtd) Dr. Charles Karangwa**

# Leta igiye kwegereza abaturage uburyo bwo gushaka ibimenyetso bikoreshwa mu butabera

**KAYITARE Jean Paul**

***Ubuyobozi bw'Ikigo cy'u Rwanda cy'Ibimenyetso bishingiye ku Bumenyi n'Ubuhanga bikoreshwa mu Butabera (Rwanda Forensic Institute, RFI) bwatangaje ko mu gihe cya vuba, butangira gushyira mu bikorwa imishinga yo kugaba amashami hirya no hino mu Ntara, hagamijwe kwegereza abaturage uburyo bwo kubona serivisi z'ibimenyetso bya gihanga bikoreshwa mu butabera.***

Umuyobozi wa RFI, Lt Col (Rtd) Dr. Charles Karangwa, asobanura ko barebye ahantu haturuka ibizamini byinshi (sample), ariko ko hari n'ibitarabageragaho kubera amikoro.

Akomeza agira ati: "Ni byo koko dukwiye kuvuna amaguru abantu bashaka serivisi zacu baturuka kure, hari igihe nka RIB ihura n'umuntu witabye Imana ari nka Nyamasheke cyangwa se Bugarama, kugira ngo azagere hano tumupime urumva ikiguzi kiriho."

Yongeraho ko hari n'igihe imodoka na yo iba idahari bityo serivisi ntibonekere igihe.

Agira ati: "Rero muri bwa buryo bwo kugira ngo duhe serivisi Abanyarwanda, dutange ubutabera bunoze ni byiza ko tubegera kugira ngo niyo atashobora kuza cyangwa ngo bitinde, bibone aho bikorerwa hafi."

Lt Col (Rtd) Dr. Karangwa, Umuyobozi Mukuru wa RFI, akomeza avuga ati: "Twararebye tubona ko kwegera ahongaho ari ho hazaba hari ikiguzi gike kurusha uko ufata ibintu byose ukajya ubizana i Kigali ahubwo kubegera ni byo bitanga igisubizo.

Nka Leta ni yo mpamvu yahisemo ko tugaba amashami hirya no hino kugira ngo tworohereze abatugana ariko kandi dukore na byinshi kurushaho kugira ngo ubutabera mu banyarwanda busakare."

RFI iherutse gutangaza ko imaze gutanga amakuru ku madosiye arenga ibihumbi 73 mu nkiko, byanatumye bamwe batabwa muri yombi.

Iki kigo gifatwa nk'urutirugongo mu butabera bw'u Rwanda kubera ko mu myaka itanu ishize kimaze gutanga amakuru ku madosiye menshi ari mu nkiko.

Binyuze mu itegeko N°41/2016 ryo ku wa 15/10/2016, iyari Laboratwari y'u Rwanda y'ibimenyetso bishingiye ku bumenyi n'ubuhanga bikoreshwa mu butabera yagizwe ikigo cya Leta kugira ngo irusheho gutanga serivisi ku nzego z'ubutabera.

Mu 2023 hongeye kuba izindi mpinduka, RFL igirwa Ikigo cy'u Rwanda cy'Ibimenyetso bishingiye ku bumenyi n'ubuhanga bikoreshwa mu butabera kizwi nka RFI, ubushobozi bwayo buragurwa ku buryo uyu munsi itanga serivisi 12 zijyanye n'ibimenyetso bya gihanga byifashishwa mu butabera.





Imvaho Nshya
Soma Usobanukirwe Buri Munsi

# Ijambo ry'Ibanze

## *Kongera umukamo ni ukongera ubuzima*

*Uhereye kera kugeza n'uyu munsi, amata nk'umwe mu musaruro w'ubworozi afatiye runini Abanyarwanda kandi yabaye n'ishingiro ry'imibereho myiza y'abaturage, akaba n'intwaro ikomeye yo kurwanya imirire mibi.*

*Amata ni isoko y'ubuzima buzira umuze no muri iki gihe, aho ubworozi butakiri ubw'abatunzi gusa ahubwo bwinjiye no muri gahunda y'Igihugu yo kurandura ubukene binyuze muri Gahunda ya Girinka yagaruwe na Perezida wa Repubulika Paul Kagame mu myaka ikabakaba 20 ishize.*

*Iyo gahunda yabaye igisubizo cy'ibibazo bitandukanye mu miryango myinshi y'abatishoboye, kuko uretse kuba isoko yo kubona amafaranga mu buryo buhoraho, imiryango myinshi yasezeye kurwaza igwingira n'izindi ndwara zishamikiye ku mirire mibi.*

*Uko iterambere ry'Igihugu rigenda ryiyongera ni ko rigaragarira mu bworozi ndetse no ku musaruro w'amata, bivuze ko n'ubuzima bw'abaturage bugenda burushaho kuba bwiza.*

*Mu gihe n'abaturage barushaho kwiyongera, Guverinoma y'u Rwanda yatangiye gutumiza impuguke mu kongera umukamo kugira ngo zige uburyo inka imwe yakamwaga litiro 10 ku munsi yajya igeza kuri litiro ziri hejuru ya 50.*

*Mu gihe kurandura igwingira mu bana bari munsi y'imyaka itanu ari intego Igihugu cyihaye nk'umusingi wo guharanira kubaka ahazaza harushijeho kuba heza, kongera umusaruro w'amata ni imwe mu ntwaro zikomeye.*

*Abahanga mu mirire bagaragaza ko amata afitiye umumaro inyokomuntu kuva ku ruhinja ukageza ku musaza, kubera intungamubiri zitagira ingano ziyabonekamo.*

*Mu gushyigikira urugendo rwo kugera ku musaruro uhagije, aborozi barasabwa kugendana n'igihe binjira mu bworozi bwa kijyambere busaba gukoresha ikoranabuhanga, ndetse n'uruhererekane rw'ubuhinzi n'ubworozi muri rusange rukarushaho kuvugururwa ngo ruhaze ubusabe bw'amata buhari.*

*Uretse kuba amata anyobwa, anifashishwa mu gukora ibiribwa n'ibinyobwa bitandukanye, bivuze ko abakeneye kuyanywa no kuyifashisha mu gukora ibindi barushaho kwiyongera.*

*Kongera umukamo bisaba ko ubworozi butangira guhererekanywa mu bisekuru, urubyiruko rukarushaho gusobanukirwa umusanzu rwaba rutanze ku gihugu mu gihe rwirunduriye mu bworozi, bukareka gufatwa nk'umurimo w'ababyeyi kandi ari yo mizero y'ahazaza h'Igihugu gifite abaturage bazima.*

# Ingo 60.000 muri miliyoni 2,9 zitunze imodoka mu Rwanda

**KAMALIZA Agnes**

***Ubuyobozi bw'Ikigo cy'Igihugu cy'Ibarurishamibare mu Rwanda (NISR) buvuga ko ingo ibihumbi 60 mu zisaga miliyoni 2,9 zibarurwa mu Rwanda ni zo zitunze imodoka, zikaba zingana na 1.7%.***

Ibyo ni ibyasohotse mu Ibarura Rusange ku Mibereho y'Ingo rya 2023/24 ryatangajwe ku nshuro ya 7 (EICV7) muri Gicurasi 2025, rikaba rinashimangira itandukaniro riri mu buryo Abanyarwanda batunze ibinyabiziga bitandukanye.

Mu ngo miliyoni 2,9 zo mu Rwanda, habarurwamo ingo zisaga ibihumbi 935 zibarizwa mu mijyi ari na zo ziganjemo abatunze imodoka, mu gihe izindi zisaga 2.013,8 zibarizwa mu cyaro ari na zo zigaragaramo umubare muto w'abatunze imodoka.

Iyo Raporo yatangajwe mu gihe mu Mujyi wa Kigali n'indi iyunganira hakunze kugaragara imodoka nyinshi ndetse zikunze kubura n'aho ziparika; aho usanga abantu hari abatebya bavuga bati 'wagira ngo buri Munyarwanda atunze imodoka ye bwite.'

Iryo barura rikomeza rigaragaza ko Abanyarwanda benshi bitungiye amagare aho biganje ku kigero cya 14.9%, naho abatunze moto bakaba bari kuri 1.6%.

Intara y'Iburasirazuba ni yo iyoboye izindi mu kugira abantu batunze amagare menshi, aho imibare yerekana ko mu miryango 100 nibura 30 iba itunze igare.

Mu miryango ingana na 1.6% mu gihugu batunze moto nibura mu miryango 100 bivuze ko 1 muri yo ari wo uba utunze moto.

Amagare yiganje cyane mu bice by'ibyaro, abaturage bayakoresha mu ngendo za buri munsi ndetse akaba ari na yo abafasha mu mirimo yabo y'ubuhinzi, ubwikorezi n'ibindi.

Ni mu gihe moto n'imodoka byo byiganje mu bice by'imijyi aho bikoreshwa mu gutwara abagenzi cyangwa n'abantu bakazikoresha mu mirimo yabo bwite.

Iyo Raporo ikomeza igaragaza ko imiryango igerwaho n'imihanda ikoreshwa mu ngendo igeze ku kigero cya 99% mu Mijyi, mu gihe mu bice by'ibyaro 95% by'imiryango bagera ku muhanda mu minota 20.

Ku rwego rw'Igihugu 67% by'imiryango, ituye muri metero 200 gusa uvuye ku muhanda mwiza.

Muri abo bose abanyuzwe n'iyo mihanda bangana 62%, na ho 20% ntibanyuzwe bavuga ko ikeneye gukorwa neza.

Mu bice by'Umujyi kubona imodoka rusange biroroshye kurusha mu cyaro aho biri kuri 54% , ugereranyije na 17% byo mu cyaro aho bibafata iminota hafi 20 kugira ngo bagere aho bategera imodoka rusange.

Koroherwa no gutunga igare mu cyaro biri kuri 16% kurusha mu mujyi aho biri kuri 12% mu gihe gutunga imodoka bwite mu mujyi bishoboka ku kigero cya 6%.

Mu bijyanye n'ibicanwa bikoreshwa iyo raporo igarararagaza ko mu cyaro bakoresha inkwi mu guteka aho imiryango 92.5% ari bwo buryo itekesha, mu gihe mu mijyi 51% by'imiryango bakoresha amakara, naho imiryango ikoresha ibikoresho bigezweho nka gaze cyangwa amashanyarazi arii 5% gusa.

Ku ngingo y'imiturire, imiryango ituye mu midugudu yavuye kuri 59% igera kuri 68%, naho imiryango ifite amazu asakaje amabati iva kuri 67% igera kuri 76%, ndetse inkuta n'ibipangu by'amazu byubatswe na sima biva kuri 30% bigera kuri 42%.



**Ingo ibihumbi 60 mu zisaga miliyoni 2,9 zibarurwa mu Rwanda ni zo zitunze imodoka**

# Amata si ikinyobwa ni ibiryo akaba n'umuti- Rwigamba

**ZIGAMA Theoneste**

***Umunyamabanga wa Leta muri Minisiteri y'Ubuhinzi n'Ubworozi (MINAGRI), Rwigamba Eric yagaragaje ko amata atari ikinyobwa kibonetse cyose ahubwo ko ari ibiryo akaba n'umuti w'indwara zitandukanye kuko afite intungamubiri nyinshi, asaba ko yabungabungwa.***

Yabigarutseho kuri uyu wa Gatandatu tariki ya 31 Gicurasi 2025, ubwo yasozaga Inama Nyafurika ku mata (The IDF Regional Dairy Conference Africa) yateguwe ku bufatanye n'Ihuriro Mpuzamahanga ryita ku iterambere ry'umukamo w'amata, yari imaze iminsi ibera i Kigali.

Rwigamba yagize ati: "Amata si ikinyobwa ahubwo ni ibiryo. Ni ikiribwa ushobora kurya kikagutunga nta kindi kintu wariye, ukagira ubuzima bwiza kandi ukagira imbaraga.

Yunzemo ati: "Nabayeho njyewe n'ababyeyi banjye, bashobora kumara ibyumweru bibiri batarya ibiryo ahubwo binywera amata."

Yakomeje ati: "Nabaye ahantu mu gace abantu batashoboraga kubona amata, ariko igihe umuntu yabaga yarwaye bakoraga ibishoboka byose uwo murwayi bakamubonera amata. Nabonye abaganga babwira abarwayi kunywa amata ku bwinshi kugira ngo bagire intungamubiri zituma uburwayi bukira."

Rwigamba yakomeje avuga ko amata ari ingirakamaro yaba ku mubiri w'uwayanyoye akaba kandi kimwe mu byongera ubukungu bw'igihugu no gufasha abaturage kwihaza mu biribwa, ku mugabane wa Afurika n'Isi muri rusange.

Minisitiri w'Ubuhinzi n'Ubworozi Dr Bagabe cyubahiro atangiza iyo nama, yasabye abayitabiriye gushyigikira abari mu bworozi bagahabwa amahugurwa kuko byagaragaye ko muri Afurika batitabwaho uko bikwiye, bikadindiza umukamo w'inka borora.

Yagize ati: "Abahinzi- borozi bato ni inkingi ya mwamba yo guteza imbere umukamo w'amata. Nyamara, muri Afurika, hagati ya 10 na 15% gusa ni bo babona amahugurwa akenewe cyangwa amafaranga yo gushora mu buhinzi. Guhugura aba borozi no kubaha ibikoresho bikenewe bizafasha kubaka ubukungu bw'amata buramba, bushobora guhanga imirimo."

Iyi nama Nyafurika ku mata yahuje inzobere mpuzamahanga mu by'amata, abayobozi b'inganda, abashinzwe gushyiraho amategeko, abashakashatsi n'abandi bafatanyabikorwa baturutse hirya no hino muri Afurika no hanze yayo, kugira ngo baganire ku bisubizo bishya, guteza imbere ubufatanye no kwihutisha iterambere ry'urwego rw'ubworozi bw'amatungo butanga amata ku mugabane wa Afurika.

Bemeranyije ko bagiye gukomeza ubufatanye kugira ngo umukamo w'amata wiyongere ku bwinshi haba mu bwiza no mu ngano bityo yinjirije amafaranga ibihugu ariko anateza imbere aborozi b'inka anatange umusanzu mu kwihaza mu biribwa.




**Umunyamabanga wa Leta muri MINAGRI, Eric Rwigamba yavuze ko amata ari ibiryo byuje intungamibiri akaba n'umuti**



**Inzu zisakaje amabati zariyongereye**

# Imiturire mu nzu zisakaje amabati yazamutseho 9%

**NYIRANEZA Judith**

***Ubuyobozi bw'Ikigo cy'Igihugu cy'Ibarurishamibare mu Rwanda (NISR) buvuga ko mu bijyanye n'imiturire, inzu zisakaje amabati zazamutseho 9% zavuye kuri 67% bigera kuri 76%.***

Byasohotse mu Ibarura Rusange ku Mibereho Rusange y'Ingo mu Rwanda rya 2023/2024 ryabaye ku nshuro ya EICV7 muri Gicurasi 2025 bwana garagaje ko gusakaza amabati byazamutseho 9%.

Ubwo bushakashatsi bukomeza bugaragaza ko ingo zituye mu midugudu ziyongereye ziva kuri 59% zigera kuri 68%. Gukoresha igisenge cy'amabati byarazamutse biva kuri 67% kigera kuri 76%, naho inkuta z'amatafari ziriho sima zariyongereye ziva kuri 30% zigera kuri 42%.

Gukoresha sima byavuye ku ngo ziri ku kigero cya 26% bigera kuri 35%, ingo zo mu mijyi zigera kuri 60%. Ingo zigera kuri 22% zifite uburyo bwo gucunga amazi y'imvura.

Imiturire yateye imbere hagereranyijwe Ibarura Rusange ku Mibereho Rusange y'Ingo mu Rwanda rya EICV5 na EICV7, hagaragaye iterambere ry'imiturire mu Rwanda, aho ingo ziba mu Midugudu ziyongereye cyane ziva kuri 59% muri 2016-17 zigera kuri 68% muri 2023-24, mu gihe umubare w'ingo zitatanye wagabanyutseho gato uva kuri 17% ugera kuri 16%.

Ingo hafi ya zose zo mu Mujyi wa Kigali no mu Ntara y'Iburasirazuba zikoresha amabati nk'ibikoresho byo gusakara kuri 99%. Intara y'Amajyepfo ifite ijanisha rito ry'ingo zikoresha amabati kuri 41.5%

Kwiyongera kw'ikoreshwa ry'amabati bihuye no kuva ku matafari, kuko ikoreshwa ry'ibumba ryaragabanyutse riva kuri 72% muri 2016-17 rigera kuri 58.5% muri 2023-24.

Mu kunoza imiturire kandi, ikoreshwa rya sima cyangwa amakaro mu gusasa hasi mu nzu, ku rwego rw'Igihugu byavuye kuri 27% byageze kuri 39%, mu bice by'umujyi byavuye kuri 72% muri 2017 bigera kuri 74% naho mu bice by'icyaro byavuye kuri 17% muri 2017 bigera kuri 25%.

Mu bikorwa remezo bijyanye n'inyubako zifashishwa mu buzima, byateye imbere kuko kugera kuri serivisi z'ubuzima nk'ibigo nderabuzima, aho abagendaga amasaha abiri byaramanutse biva ku 8% bagera kuri 7%, mu gihe abagenda munsi y'iminota 30 bariyongereye bava kuri 22% bagera kuri 30%.





# Mujye mwibuka ko intsinzi igira igiciro gikomeye- Madamu Jeannette Kagame

**KAYITARE Jean Paul**

***Madamu Jeannette Kagame yibukije icyiciro cy'abanyeshuri barangije mu ishuri Green Hill Academy (GHA) muri uyu mwaka wa 2025, ko intsinzi igira aho ikomoka anashimira izina 'Intangarugero' ryahawe aba banyeshuri.***

Yahishuye ko buri mwaka aba ategerezanyije n'amatsiko izina rihabwa icyiciro gishya cy'abarangije amasomo yabo muri Green Hills Academy.

Yabigarutseho ku wa Gatandatu tariki 31 Gicurasi, mu ijambo yagejeje ku banyeshuri icyiciro kirangije uyu mwaka, abarezi n'ababyeyi barerera muri iri shuri.

Madamu Jeannette Kagame yavuze ko mu Kinyarwanda bavuga ko ngo 'Izina ni ryo muntu', bivuze ngo ba izina ryawe.

Ati: "Muzashimirwa ku mahame meza mwafashe cyangwa mugawe ku byemezo bibi. Muzahindura bagenzi banyu, n'abazaza inyuma yanyu.

Bityo rero, mugomba guhora mwitwararika. Mujye mwibuka ko intsinzi igira igiciro gikomeye, n'amaso menshi ayireba."

Yashimangiye ko uyu munsi abanyeshuri berekanye urugero rwiza buri muntu yagombye kwigiraho mu buzima bwe bwose nko kugera ku ntego zifatika.

Ati: "Ntuzigere wibagirwa ibyo ukeneye gukora kugira ngo ugere aho ushaka kugera."

Yagaragaje ko atari ugushaka kubatera ubwoba ahubwo abivuga nk'umubyeyi. Ati: "Ntimuzigere mwibagirwa ko igihe nk'iki kitazongera kubaho mu buzima bwanyu, mugikoreshe neza."

Madamu Jeannette Kagame yabwiye abanyeshuri ba Green Hills Academy ko bakiri bato kandi ko ejo hazaza habo hari inyanja y'amahirwe kandi ko abakuru babitayeho.

Akomeza agira ati: "Imiyoborere y'Isi izaturuka kuri mwe. Icyo Isi izaba ejo, kizaturuka mu biganza byanyu. Iki ni igihe cyiza cyane mu buzima bwanyu."

Abiga muri GHA basabwe gukoresha amahirwe bafite, bakanezerwa ariko bakamenya ko uwo munezero utagomba kubatwara umunezero w'ahazaza, ubuzima bwiza, cyangwa icyubahiro cyabo.

Ati: "Mujye mwibuka ko aho mugeze hose ko muba muri ishusho y'aho mwarerewe. Mujye mwibuka ko ababyeyi banyu bashoye byinshi kugira ngo mubone uburezi bwiza ku rwego rwo hejuru."

### Yagarutse ku Ikoranabuhanga

Madamu Jeannette Kagame yakomoje ku ngingo ababyeyi benshi batajya bibandaho kandi bayizi, akomoza ku gihe Isi igezemo cyo gukoresha ubwenge muntu buhangano (Artificial Intelligence).

Ikoranabuhanga rimaze gutwara abantu imirimo. Yavuze ko imirimo isaba imbaraga z'ubwenge ko ubwenge bukorano bworoshya iyo mirimo kandi bukayihutisha.

Ati: "Ntekereza ko tutagomba kuba abashaje batekereza ko ikoranabuhanga ari ribi. Buri kiragano kigomba kumenya uburyo bworoshye cyifitemo, nubwo ibyabanje byari bikomeye."

Akomeza agira ati: "Nk'umuntu, amahirwe yawe yo kugera ku ntsinzi no kugira ubuzima bwiza, azahora agendana no kumenya ibyo uzi, kumva ibyo usobanukiwe, no kubikoresha uko bikwiye.

Ntukagire ngo iryo koranabuhanga ryagufasha kuruhuka, rikugire umuntu utazi byinshi, kandi udashoboye. Rikoreshe kugira ngo wige, ntukarishyire imbere ngo rigupfire ubusa."

Yashimiye abarezi n'abakozi ba Green Hills by'umwihariko umuyobozi w'ishuri, Dr Daniel Hollinger, ku bumenyi baha ubumenyi ndetse anashimira ababyeyi barerera muri iri shuri.




**Madamu Jeannette Kagame yibukije ko intsinzi igira aho ikomoka**



**Aba ni bamwe mu bayisilamu bagiye i Maka**

# Abayisilamu bagiye i Maka basabwe gusengera u Rwanda

**NTAWITONDA Jean Claude**

***Mufti w'u Rwanda Sheikh Musa Sindayigaya, yasabye Abayisilamu bagiye i Maka muri Arabie Saudite mu mutambagiro mutagatifu, gusengera u Rwanda.***

Yababwiye ko bakwiye gusengera Igihugu ndetse bakarangwa n'indangagaciro za Kinyrwanda.

Yabigarutseho ku wa Kabiri tariki ya 27 Gicurasi 2025, ubwo yaganirizaga Abayisilamu 70 barimo abagabo n'abagore bahagurutse i Kigali berekeza i Maka.

Sheikh Sindayigaya yabibukije ko nubwo bagiye gusenga ariko banagiye batwaye ibendera ry'u Rwanda.

Yabasabye ko mu isengesho ryabo bakwiye kwibuka gusabira Igihugu cyahaye abantu bose ubwisanzure bityo n'abanyamadini n'amatorero bakabona ubwo bwisanzure binyuze mu miyoborere myiza.

Yagize ati: "Muzibuke gusabira Igihugu cyacu Imana ikomeze igihe gutera imbere no kugira umutekano hanyuma abacyifuriza imigambi itari myiza aho bari hose muzabereke Imana muyisabe ko imigambi yabo iyiburizamo. Muzasabire n'Abayisilamu basigaye na bo bazabashe kujya i Maka kandi muzitware nk'abagiye mu rugendo rutagatifu."

Urugendo rwabo barufashijwemo na Sosiyete Nyarwanda y'Ubwikorezi bwo mu kirere, RwandAir, aho ubuyobozi bwayo bwijeje ko buzakomeza gutanga ubufasha kugira ngo Abanyarwanda babashe kugera hirya no hino ku Isi.

Aberekeje i Maka bashimye ubuyobozi bw'Igihugu bwakoranye bya hafi n'idini ryabo bakaba babonye uko bagenda bisanzuye.

Buri mwaka ibihumbi by'Abayisilamu baturutse hirya no hino ku Isi bakora urugendo rutagatifu rw'iminsi itanu rwitwa 'Hajj', berekeza i Maka muri Arabia Saudite, ahafatwa nk'Umujyi Mutagatifu kuri bo.

Hajj ikorerwa ku musigiti mutagatifu wa 'Masjid al-Haram', rukaba ari urugendo rukorwa mu kwezi kwa nyuma ku ngengabihe y'idini ya Isilamu, rufatwa nk'amahirwe yo kuzuza inkingi eshanu z'ukwemera kw'Idini ya Isilamu.

# Dukumire icyo ari cyose cyatuma umwana ava mu muryango we – MIGEPROF



Minisitiri wa MIGEPROF Uwimana Consolee

**KAYITARE Jean Paul**

***Minisiteri y'Uburinganire n'Iterambere ry'Umuryango, MIGEPROF, yasabye Abanyarwanda gukumira icyo ari cyo cyose gishobora gutuma umwana ava mu muryango yerekana ko ahubwo umwana agomba kurererwa mu muryango.***

Byagarutsweho na Minisitiri Consolée Uwimana ku wa Gatanu tariki 30 Gicurasi, mu birori byo kwizihiza umunsi wahariwe Malayika Murinzi wizihirijwe mu Karere ka Gasabo mu Mujyi wa Kigali.

Insanganyamatsiko y'uyu mwaka igira iti 'Wite ku mwana wese nk'uwawe.' MIGEPROF ishishikariza buri wese kugira indangagaciro zafasha umwana kubona amahirwe yo kuba mu muryango.

Minisitiri Uwimana yashimiye ba Malayika Murinzi barangije kwakira abana mu miryango yabo bakaba babitaho uko bikwiye ndetse n'abakiri ku rutonde rwo kubakira.

Ababyeyi basabwe kugaragariza abana urukundo kandi bagakumira icyo ari cyo cyose gituma umwana ava mu muryango.

Minisitiri Uwimana yagize ati: "Mu muryango niho buri wese akura urukundo n'uburere bimufasha kuzavamo umuntu w'ingirakamaro ku muryango we no ku Gihugu muri rusange. Dukumire icyo ari cyose cyatuma umwana ava mu muryango we."

Ku munsi wa Malayika Murinzi, hashimirwa ababyeyi b'impuhwe bakora ibikorwa by'indashyikirwa byo kurera no kubera ababyeyi abana batabyaye.

Akomeza agira ati: "Nta igihembo cyangwa uburyo bukwiye dufite bwashimira akamaro gakomeye mufitiye Igihugu cyacu. Gusa mujye muhora mwumva ko tubashimira, kandi mu byo mukora, ntabwo muri mwenyine turabashyigikiye."

Minisitiri w'Uburinganire n'Iterambere ry'Umuryango yasabye Abanyarwanda gukomeza kwirinda imigirire mibi mu miryango; amakimbirane, ubusinzi, ndetse n'ibindi bikorwa bibi bigira ingaruka ku mwana wakuriye muri uwo muryango.

Hari byinshi bimaze gukorwa mu guharanira ko umwana w'Umunyarwanda akura neza; mu gihagararo, mu bwenge no mu marangamutima, hagamijwe gutanga umurongo mwiza ku mikurire y'umwana, kurengera uburenganzira bwe no kumugenera ejo hazaza heza.

Yavuze ko gahunda ya Malayika Murinzi ari igikorwa kigaragaza ubudahwema mu gushakira abana b'u Rwanda ubuzima bwiza, uburezi bufite ireme, n'uburere buboneye, byose bikajyana n'icyerekezo cy'u Rwanda 2050.

Umuyobozi Mukuru w'Ikigo cy'Igihugu gishinzwe Imikurire no Kurengera Umwana (NCDA), Ingabire Assumpta, yavuze ko uyu munsi wa Malayika Murinzi ari umwanya mwiza wo kongera kwiyemeza ko nta mwana ukwiye kubura umuryango umurera.

Yagize ati: "Binyuze muri gahunda ya Tubarere Mu Muryango (TMM), twashoboye gusubiza mu burere bukwiye abana babaga mu bigo. Kuva icyo gihe nta mwana wabuze umurera, ibyo byose ni igisobanuro cy'ubwitange bwa Malayika Murinzi."

Ba Malayika Murinzi ni ababyeyi barangwa n'impuhwe n'urukundo, bakira abana batagize amahirwe yo kurerwa n'imiryango yabo bwite, bakabitaho nk'abana babo, nta gihembo cyangwa inyungu bategereje. Kugeza ubu mu Rwanda habarurwa ba Malayika Murinzi barenga 4 000.


Umujyi wa Kigali ni uwa kabiri mu mijyi ikunzwe cyane muri Afurika mu kwakira inama

## Kigali, umujyi wa 2 ukunzwe cyane mu kwakira inama muri Afurika

**ZIGAMA Theoneste**

*Ishyirahamwe Mpuzamahanga ry'Abategura Inama n'Ibikorwa Rusange (ICCA) ryashyize Kigali ku mwanya wa kabiri mu mijyi ikunzwe cyane muri Afurika mu kwakira inama n'ibikorwa mpuzamahanga, na ho u Rwanda ruba urwa gatatu mu Bihugu bya Afurika.*

Bivugwa ko Umurwa Mukuru w'u Rwanda, Kigali, wakomeje kuguma kuri uwo mwanya ku nshuro ya gatanu yikurikiranya.

Ikigo cy'Igihugu Gishinzwe Guteza Imbere Ubukerarugendo Bushingiye ku Nama (RCB/Rwanda Convention Bureau) cyatangaje ko kuba u Rwanda ruhora mu myanya ya mbere mu kwakira neza inama mpuzamahanga bishimangira ibigwi byubatswe ku gihugu nk'ahantu hizewe kandi hifuzwa n'abategura ibirori n'ibikorwa mpuzamahanga.

Icyo kigo cyatangaje ko kuzamuka ku rutonde ari umusaruro w'imbaraga zashyizwe mu bikorwa bitandukanye, harimo politiki y'u Rwanda yo gutanga viza ku bageze mu gihugu bose, ibyerekezo byagutse bya RwandAir, ndetse n'uko Kigali ifite ibikorwa remezo bigezweho mu kwakira inama n'ibikorwa bikomeye bya MICE (Meetings, Incentives, Conferences and Exhibitions).

Ibikorwa remezo bikomeye birimo Kigali Convention Centre, BK Arena, Stade Amahoro, n'Intare Conference Arena, n'ibindi byinshi bifite ubushobozi bwo kwakira inama zikomeye n'ibindi bikorwa mpuzamahanga.

RCB ivuga ko mu mwaka wa 2024, u Rwanda rwakiriye abashyitsi barenga 52.000 bitabiriye inama n'ibindi bikorwa, aho byinjije miliyoni 84,8 z'amadolari y'Amerika, ni ukuvuga asaga miliyari 133 z'amafaranga y'u Rwanda.

Muri abo bitabiriye, abarenga 17.000 bitabiriye inama mpuzamahanga z'imiryango yihariye, zirimo nk'Inteko Rusange y'Ishyirahamwe ry'Umukino wo Gutwara Imodoka (FIA), Inama ya Politiki ya ICANN 80, Inama Mpuzamahanga y'Impuguke mu Bumenyi n'Inama za Leta (INGSA), ndetse n'Inama ya Afurika ku Miterere y'Ubuhinzi (Africa Food Systems Forum).

Jane Karemera, Umuyobozi Mukuru wa RCB, yagize ati: "Turishimira kubona u Rwanda na Kigali bigaragazwa nk'ahantu ha mbere mu kwakira inama mpuzamahanga muri Afurika. Ibi ni ibisubizo by'ubufatanye bw'inzego zitandukanye mu rwego rw'ibikorwa n'ibirori, ndetse n'icyizere imiryango mpuzamahanga igirira u Rwanda nk'ahantu heza ho guteguriramo inama. Uru rutonde rutwongerera imbaraga mu kongera serivisi no gutegura neza ibikorwa mpuzamahanga."

Urwego rw'Igihugu rushinzwe Iterambere (RDB), rwatangaje ko ubukerarugendo bw'u Rwanda bwinjije miliyoni 647 z'Amadolari ya Amerika asaga miliyari 900 z'amafaranga y'u Rwanda mu 2024.

Leta iteganya ko mu 2025, ubwo bukerarugendo buzagera kuri miliyoni 700 z'Amadolari y'Amerika ni ukuvuga asaga miliyari 980 z'amafaranga y'u Rwanda.





# Abasuye inzibutso barenze 50% umwaka ushize ugereranyije n'uwa 2022

**KAYITARE Jean Paul**

***Minisiteri y'Ubumwe bw'Abanyarwanda n'Inshingano Mboneragihugu, MINUBUMWE, yatangaje ko umubare w'abasura inzibutso za Jenoside yakorewe Abatutsi wikubye Kabiri urenga 50% umwaka ushize, ugereranyije n'umwaka wa 2022.***

Ibi ngo bituruka ku kuba Ishami ry'Umuryango w'Abibumbye rishinzwe Uburezi, Ubumenyi n'Umuco (UNESCO) ryarashyize zimwe muri zo nzibutso ku rutonde rw'Umurage w'Isi.

MINUBUMWE yemeza ko kuba izi nzibutso zarahawe icyo cyubahiro ku rwego mpuzamahanga byoroheje ubukangurambaga bugamije guhamagarira abantu kumenya amateka yaranze u Rwanda.

Ingabire Veneranda, Umuyobozi ukuriye Ishami ryo kwibuka no kurwanya Jenoside muri MINUBUMWE, agira ati: "Guhera mu 2022 usanga ubwiyongere buri kurenga 50%, ni hafi 54.2%. Bivuze ngo inzibutso zaramenyekanye, abantu batinyutse kuzisura kuko twarazimenyekanishije, tuvuga akamaro kazo ariko n'Isi muri rusange ifata za nshingano zo kuvuga akamaro kazo no gushishikariza abantu kuzisura."

Imibare ya MINUBUMWE igaragaza ko mu 2022, imibare y'abasuye inzibutso ziri mu murage w'Isi, bari 101 555. Abanyamahanga bari 54 845 mu gihe Abanyarwanda bari 46 600.

Mu 2024 abasuye inzibutso zose bariyongereye basaga 190 000. Abanyamahanga bari 120 055 mu gihe Abanyarwanda basuye muri uwo mwaka bageze ku 73 361.

Inzibutso za Jenoside yakorewe Abatutsi zirimo urwa Kigali, urwa Nyamata mu Karere ka Bugesera, Murambi muri Nyamagabe n'urwa Bisesero mu Karere ka Karongi, ziri ku rutonde rw'umurage w'Isi kuva muri Nzeri 2023.



Abasuye inzibutso bariyongereye ugereranyije n'umwaka wa 2022

Bamwe mu basura inzubutso bemeza ko izi nzibutso nk'u rwa Kigali, zibafasha kumenya amateka ya Jenoside yakorewe Abatutsi kandi bakishimira kuba ziri mu murage w'Isi.

Rukundo Thimothée agira ati: "Kuba uru rwibutso rwa Gisozi rwarashyizwe mu nzibutso ziri mu murage w'Isi, tubiha agaciro gakomeye ndetse no gusobanurira Isi uburyo amahanga yarebereye akagira ubugwari."

Zachary Rhoda, umwe mu banyamahanga basuye urwibutso rwa Jenoside rwa Kigali, agira ati: "Njyewe n'inshuti zanjye ntabwo twari twarigeze tubitegura, bashakaga ko njyewe ubwanjye nishakamo ubushake n'amaso yanjye ndetse n'umutima, rero barandetse ngo nze mbyirebere.

Ni ukuri birababaje ibyo ikiremwamuntu gishobora gukorera ikindi kiremwa. Birababaje cyane kandi ni bibi cyane. Turizera ko nta bintu nk'ibi bizongera kubaho ukundi."

Minisitiri Dr. Bizimana aherutse kuvuga ko uretse inyandiko za Gacaca zirimo gushyirwa mu ikoranabuhanga, n'amasomo y'amateka arimo kongerwamo ibikenewe, anagaragaza ko gusura inzibutso na byo byafasha urubyiruko kuyamenya.

Yagize ati: "Inzibutso zifite amateka ariko kandi zinabitse abacu, abacu ntitugomba kujya tubibuka muri iyi minsi 100 gusa tugomba kubazirikana umunsi ku munsi, gusura inzibutso zegereye amashuri aho mwiga mukamenya amateka y'aho hantu byashoboka mugasura n'iziri kure, mubigire igikorwa gihoraho hari abakozi baba bari ku nzibutso nyinshi babakira bakayabasobanurira".

# Pariki y'Igihugu y'Akagera yinjije miliyari 6,7 Frw mu 2024

**KAMALIZA Agnes**

***Ubuyobozi bwa Pariki y'Igihugu y'Akagera bwatangaje ko iyo Pariki yinjije miliyoni 4,7 z'amadolari ya Amerika ni ukuvuga miliyari zisaga 6,7 Frw mu mwaka wa 2024.***

Ku wa Kabiri, tariki ya 27 Gicurasi 2025 ubwo buyobozi bwanatangaje ko imibare yakusanyijwe ya 2024, igaragaza ko Pariki y'Igihugu y'Akagera yakiriye ba mukerarugendo 56 219 barimo 48 230 bishyuye ikiguzi cyo gusura.

Mu 2023, Ubuyobozi bwa Pariki y'Akagera bwatangaje ko yasuwe n'abantu 54 141 barimo Abanyarwanda 26 047, Abanyamahanga 23 047 ndetse n'Abanyamahanga batuye mu Rwanda 4 534.

Abanyarwanda basura iyi Pariki bakomeje kwiyongera kuko bagize 45% by'abasuye mu mwaka ushize ari na ko bishimangira uburyo Abanyarwanda bakomeje kuryoherwa n'ubukerarugendo bw'imbere mu Gihugu.

Pariki n'icumbi ry'amahema rya 'Ruzizi Tented Lodge' byabonye igihembo gitangwa na Trip Advisor Travellers' Choice, bishimirwa ukwiyemeza mu kurushaho gufasha ba mukerarugendo kubona serivisi zihariye.

Imishinga inyuranye ikorerwa muri Pariki na yo yinjije akayabo harimo ubuvumvu, ubworozi bw'amafi n'ibindi.

Pariki y'Igihugu y'Akagera yafashije abaturage gusarura agatubutse mu bikorwa bihakorerwa bitandukanye byinjije amafaranga ari na ko byabafashije guhanga imirimo.

Abaturage binjirije agatubutse, miliyoni zisaga 172 Frw bilo 13 809 by'amafi yasaruwe na Koperative zikorera mu bice bikora kuri Pariki, ndetse ibilo 38 643 by'amafi yagurishijwe mu baturage ku giciro cyoroheje.

Koperative y'abavumvu yo yakusanyije toni 13 z'ubuki zifite agaciro hafi miliyoni 6 Frw.

Koperative y'abubatsi bo mu Kagera n'abandi bakozi ba nyakabyizi binjije hafi miliyoni 2 Frw, naho ibyaguriwe abaturage binyuze mu kubahahira muri ako gace byinjije asaga miliyoni 7 Frw.


Pariki y'Igihugu y'Akagera yinjije miliyoni 4,7 z'amadolari ya Amerika mu mwaka washize angana na miliyari 6,7 Frw

Pariki y'Akagera kandi yakoze n'ibikorwa by'uburezi n'amahugurwa byagiriye akamaro abanyeshuri barenga 2 000, abarimu 247, abayobozi mu Nzego z'ibanze 249 ndetse n'abaturage basaga 8 000.

Ibyo bikorwa byarimo gusura Pariki, n'ikigo cya, Savannah Learning Centre, ndetse hanakozwe ibiganiro bitandukanye n'abaturage binyuze mu itangazamakuru bigamije kwita ku bidukikije no kubibungabunga ku buryo bibyazwa umusaruro.

Ni mu gihe hari n'amakoperative yahuguwe ku bworozi bw'amafi, ubuvumvu n'ibindi.

Pariki y'Akagera ifite ubuso bwa kilometero kare 1 120, mu ibarura ryakozwe muri Kanama 2023 ryagaragaje ko ibarizwamo inyamaswa zirenga ibihumbi 11, muri zo harimo eshanu zikomeye ku Isi zirimo Intare, Ingwe, Inzovu, Inkura n'Imbogo.

# U Rwanda rugiye gutumiza inka z'ubwoko bwa Girolando muri Brésil, zongera umukamo

**ZIGAMA Theoneste**

***Minisiteri y'Ubuhinzi n'Ubworozi (MINAGRI) yahishuye ko u Rwanda rurimo gutekereza gutumiza inka zo mu bwoko bwa Girolando zivuye muri Brésil, hagamijwe kongera umusaruro w'amata no kunoza uburyo bwo guhangana n'indwara zibasira inka.***



**Inka zo mu bwoko bwa Girolando zo muri Brésilzitezweho kuzazamura umukamo**

Girolando ni ubwoko bw'inka zororerwa gutanga amata, zizwi cyane muri Brésil, zakomotse ku kuvanga amoko abiri y'inka za Gyr n'iz'ubwoko bwa Holstein-Friesian, binyuze mu gutera intanga.

Inka za Gyr, zituruka mu bwoko bwa Zebu bwakomotse mu Buhinde, zizwiho kwihanganira ubushyuhe bwinshi no kurwanya indwara zibasira ibinyabuzima byo mu turere dushyuha.

Naho inka za Holstein-Friesian, zo mu Burayi, zizwiho gutanga amata menshi ariko ntizihanganira cyane ubushyuhe bwo mu turere two mu misozi miremire cyangwa two hafi y'umurongo ugabanya Isi mo kabiri (koma /Equateur).

Inka za Girolando kandi zizwiho gutanga amata menshi, kwihanganira ubushyuhe n'indwara, ndetse no gushobora kwihanganira ikirere cyo mu turere dushyuha.

Brésil, ni cyo gihugu gikungahaye ku bworozi bw'inka za Girolando, aho hejuru ya 80% by'amata gikama, akomoka ku nka zo muri ubu bwoko.

Umuyobozi Mukuru Wungirije ushinzwe iterambere ry'Ubworozi mu Kigo cy'Igihugu Gishinzwe Iterambere ry'Ubuhinzi n'Ubworozi (RAB), Dr Solange Uwituze, yagize ati: "Izi nka zihanganira cyane ibihe by'ikirere cyacu kandi zitanga umusaruro mwinshi haba uw'amata n'uw'inyama."

U Rwanda rurimo gushaka uburyo bwo korora izo nka za Girolando, nyuma y'uruzinduko Minisitiri w'Ubuhinzi n'Ubworozi, Dr Mark Cyubahiro Bagabe, aherutse kugirira mu muri Brésil, mu rwuri rwororerwamo cyane inka za Girolando.

Ni uruzinduko yakoze hagamijwe gushaka ubufatanye mu guteza imbere ubworozi bw'inka zitanga amata menshi.

Minisitiri Dr Bagabe yaganiriye n'abafatanyabikorwa batandukanye ku buryo bwo kuzana inka mu Rwanda zitanga umusaruro mwinshi no kongera umukamo hifashishijwe ikoranabuhanga ryo gutera intanga.

Yagize ati: "Ubu umusaruro w'amata utangwa n'inka imwe ku munsi uracyari hasi cyane mu Rwanda, ukaba uri ku kigero kiri hafi ya litiro 10."

Gusa, nk'uko yakomeje abisobanura, hari aborozi bake bafite inka zitanga umusaruro mwinshi kandi bakurikiza amabwiriza neza ajyanye no kuzigaburira no kuzivura indwara, zikaba zishobora gutanga litiro zigera kuri 40 ku munsi.

Ati: "Dukeneye gukora ibishoboka byose kugira ngo twongere umusaruro w'amata. Amoko y'inka yihanganira ibihe by'ikirere cyo muri Afurika, nk'ava muri Brésil, ashobora kudufasha. Dushobora no kuzitumiza mu bindi bihugu bitanga ikoranabuhanga rikwiye, kandi Brésil ni kimwe muri byo."

Yakomeje agira ati: "Dufite ibihe by'ikirere bisa n'ibyo muri Brésil, cyane cyane mu bice by'amajyepfo by'icyo gihugu bifite ikirere gishyuha. Bityo rero, inka ziturukayo ntizishobora guhura n'ibibazo byo kuba mu bihe byo mu Rwanda.

Yunzumo ati: "Aya moko y'inka asanzwe yaramenyereye ibihe by'uturere dushyuha, atanga umusaruro mwinshi kandi yihanganira imihindagurikire y'ikirere."

Mu gihe kirekire, Minisitiri Dr Bagabe yavuze ko u Rwanda rufite intego yo guteza imbere ubwoko bw'inka zarwo, zishobora kwihanganira ibihe by'ikirere byo mu gihugu.

Ati: "Dufite amahirwe adasanzwe yo kugira inka zacu gakondo z'Inyambo, inka zishobora kubaho neza mu turere dushyuha. Ni ubwoko bw'inka bufite agaciro gakomeye kuko bubyara inka zishobora kwihanganira indwara zifitanye isano n'ibihe by'ikirere cyo mu turere dushyuha."

Minisitiri Dr Bagabe yakomeje asobanura ati: "Dushobora kuvanga inka z'Inyambo n'izindi nka zitanga umusaruro mwinshi zituruka mu bindi bihugu, hagamijwe kugira igisekuru cy'inka gifite ubushobozi bwo kwihanganira ibihe bitoroshye kandi gitanga umusaruro mwinshi."

U Rwanda rumaze gushyira mu bikorwa ingamba zitandukanye zirimo no kunoza imiterere y'intanga z'inka, hagamijwe kongera umusaruro w'amata nyuma y'aho rutashoboye kugera ku ntego y'umusaruro w'amata rwari rwihaye mu mwaka w'ingengo y'imari wa 2023-2024.

Nk'uko Minisiteri y'Ubuhinzi n'Ubworozi ibivuga, u Rwanda rwabonye toni miliyoni imwe z'amata mu 2023-2024, bingana na 85.7% by'intego yari yagenwe muri Gahunda ya Kane y'Igihugu yo Guteza Imbere Ubuhinzi (PSTA4).

Mu kwezi kwa Mutarama 2025, Dr Solange Uwituze yatangaje ko icyo cyuho cyatewe ahanini n'izuba rikabije kandi ryamaze igihe mu mwaka ushize.

Icyakora, yavuze ko ubushobozi bw'Ikigo cy' ibikorwa by'ubushakashatsi ku bworozi bw'inka cya Songa giherereye i Huye cyahariwe umusaruro w'Amata n'Imyororokere y'Inka cyongerewe imbaraga, kugira ngo kibashe gutanga intanga ngabo z'inka zifite ireme rihanitse, zizifashishwa mu kongera umusaruro w'amata no kunoza imiterere y'inka.

Juliette Mukambonibeshaho, ni umworozi yagize ati: "Umusaruro w'amata uracyari hasi. Imwe mu nka zanjye itanga litiro 20 ku munsi kubera uko nyitaho neza, ariko nshaka ubwoko bw'inka bushobora gutanga litiro 50 ku munsi."

Yunzemo ati: "Uretse ubwatsi bwiza n'ibiryo byiza, dukeneye n'amoko meza y'inka."

Uruganda rwa mbere mu Rwanda rutunganya amata rukayabyaza ifu, rwafunguwe mu 2024, MINAGARI ivuga ko na rwo rukeneye kubona amata ahagije.

Nirugera ku bushobozi bwuzuye, ruzaba rushobora gutunganya litiro 650 000 z'amata ku munsi. Gusa kugeza ubu, rukora munsi ya 45% by'ubushobozi bwarwo, aho rutunganya litiro 292 500 ku munsi.





# Kayonza: Buhabwa Abacuruzi bishimiye isoko rya miliyoni 63 Frw bubakiwe

**HITIMANA Servand**

***Abaturage bo mu Kagari ka Buhabwa mu Murenge wa Murundi, Akarere ka Kayonza basanzwe bakorera mu isoko rito rya Buhabwa bishimira isoko ryiza ryuzuye ritwaye miliyoni 63 aho baritegerejeho kunoza imikorere yabo, bagatandukana no kunyagirwa ndetse no kwicwa n'izuba.***

Abacururiza mu gasoko gasanzwe karemera hanze ku musozi babwiye Imvaho Nshya ko imyaka ishize ari myinshi bakorera mu buryo bubagora bazaga gucuruza izuba rihumbye, ubundi imvura yagwa bakazinga bakajya kugama.

Twizerimana Sandrine ucuruza ibirayi yagize ati: "Turashima cyane isoko ryiza ryuzuye inaha kuko rigiye kutubera igisubizo gikomeye ku mikorere yacu.Ubusanzwe imikorere yatugoraga cyane.Mu gihe cy',imvura twanyagirwaga rimwe na rimwe tukanurs tukajya gushaka aho twugama, hari ibicuruzwa byangirikaga binyanyagira mu nzira ibindi bikangizwa n'amazi."

Mugenzi we Nyiranziga Dorothee na we yagize ati: "Ni amashimwe akomeye cyane ku buyobozi bwacu bukomeje kutugezaho iterambere. Ubundi inaha twahitaga ku ishyamba cyangwa kuri pariki. Wasangaga ubuzima bwose ari ugukoboka, kubera kutagira bimwe mu bikorwa remezo, ubu rero icyizere ni cyose ku kunoza imikorere kuko tubonye soko rigezweho twubakiwe."

Akomeza agira ati: "Ubu ntabwo tukiri abo ku ishyamba, twubakiwe isoko, amashanyarazi yarahageze, hari amashuri n'ibindi."

Ubuyobozi bw'Umurenge wa Murundi buvuga ko iryo soko ryubatswe rigiye guhindura byinshi birimo imikorere y'abarena isoko ariko rikabafasha mu gutuma santere ya Buhabwa igira isura nziza.

Philippe Uramutse ushinzwe Imari n'Ubutegetsi muri uwo Murenge agira ati: "Icya mbere igikorwa nk'iki kiba gituma santere ikura kandi ikagira isura nziza. Icy'ibanze cyane ariko ni ugutuma abaturage bacu babona ko Ibikorwa biba ahandi n'abo bibabereye. Bagakorera ahantu heza bagacuza neza bakinjiza kandi bakaninjiriza Igihugu."

Akomeza agira ati: "Iyo umuturage abona akorerwa ibyo akeneye bituma yiyumva nk'umunyagihugu witaweho, utaribagiranye bityo n'urukundo rw'igihugu cye ntirucogore."

Isoko rya Buhabwa ryuzuye ritwaye miliyoni 63 z'amafaranga y'u Rwanda, rifite aho gucururizwa n'abantu 60 bafite aho kubika ibicuruzwa byabo, ubwiherero n'ikimpoteri cya kijyambere gifite umwanya w'ahajya imyanda ibora n'itabora.

Ni isoko ryubatswe mu gice cyatujwe nyuma y'umwaka w'i 1994 nabwo haka hari higanje Ibikorwa by'ubworozi ariko mu gihe cya komisiyo y'isaranganya ry',ubutaka Yiswe komisiyo ya Ibingira mu 2008,ibi bice byaratuwe cyane ndetse nkuko byagarutsweho n'abaturage ubu hamaze kugezwaho Ibikorwa remezo bitandukanye.



**Isoko ryuzuye i Buhabwa rigiye kubarinda kunyagirwa no kwicwa n'izuba**



**Ubucukuzi bw'amabuye y'agaciro bukorwa n'abitwa 'Abahebyi' bwangije igishanga abahinzi bakuragamo umusaruro**

# Kamonyi: Bashinja 'Abahebyi' kubangiriza imyaka yari kuri hegitari 20

**UWIZEYIMANA Aimable**

***Abatuye Akarere ka Kamonyi by'umwihariko mu Murenge wa Karama bahinga mu gishanga cya Gikoro, bavuga ko abazwi ku izina ry'Abahebyi bakora ubucukuzi bw'amabuye y'agaciro butemewe, batumye badasarura nyuma yo kubangiriza imyaka yari ihinze kuri hegitari 20.***

Umwe muri abo baturage, avuga ko ibikorwa byo gucukura amabuye y'agaciro byabangirije imyaka, byatangiye gukorwa n'abahebyi mu ntangiriro z'ukwezi kwa gatatu, maze imyaka yabo irimo n'ibigori irononekara.

Ati: "Abahebyi baraduhemukiye, ubu ntawasaruye, kubera ko twagiye kubona tubona imirima twari twarahinzemo ibigori, bayitengura bashaka amabuye y'agaciro mu buryo butemewe, ku buryo hari n'igihe batwirukankanaga bafite intwaro gakondo, ubu turi mu bihombo."

Mugenzi we wundi utuye muri uwo Murenge wa Karama, nawe avuga ko igihombo batewe n'Abahebyi bashaka amabuye y'agaciro mu buryo butemewe, gikubiye kuri hegitari 20 batengaguye.

Ati: "Abo bahebyi bateje igihombo nanjye ndimo, kuko hegitari 20 bangije nanjye mfitemo ari 147 bangije kandi zari ziteyeho ibigori, ku buryo ntacyo twasaruye."

Umuyobozi w'Intara y'Amajyepfo Kayitesi Alice, avuga ko uretse kwishora mu bucukuzi butemewe bukangiza imyaka y'abaturage banangiza ibidukikije (igishanga), kandi ari icyaha gihanwa n'Amategeko.

Ati: "Icyo navuga ni uko abacukura amabuye y'agaciro mu buryo butemewe, bakwiye kubireka kuko usibye no kuba byangiza ibidukikije n'imirima y'abaturage iba ihinzeho imyaka, bakwiye kujya bibuka ko gukora ubucukuzi bw'amabuye y'agaciro butemewe ari n'icyaha gihanwa n'Amategeko".

Abahinga mu gishanga cya Gikoro giherereye mu Karere ka Kamonyi mu Murenge wa Karama, bakaba kuri hegitari zigera kuri 86 zigize Icyo gishanga cyatunganyijwe mu 2012, hegitari zigera kuri 20 zari zihinzeho imyaka zarangijwe n'abahebyi bashaka amabuye y'agaciro mu buryo butemewe.



Niyitegeka Esperance yarishimye nyuma yo guhabwa inzu yo kubamo

# Nyagatare: Uwarokotse Jenoside arishimira ko yubakiwe inzu

**HITIMANA Servand**

***Niyitegeka Esperance wabarizwaga Bushoga mu Murenge wa Nyagatare akaba yararokotse Jenoside yakorewe Abatutsi mu 1994, arashima ko yahawe icumbi ryujuje ibisabwa, nyuma yo kumara imyaka 30 atagira icumbi, aho avuga ko byaterwaga no kuba urutonde rw'abagombaga gufashwa rwari rurerure.***

Uwo mubyeyi w'imyaka 51 avuga ko mu byifuzo yagiye agira harimo gusaba ko yakubakirwa, ariko kubera ko hari abababaye benshi, yajyaga ku rutonde ariko bikarangira ubwo bufasha butamugezeho.

Ati: "Ni kenshi nifuje ko nahabwa icumbi ariko ubufasha ntibungereho kubera ubwinshi bw'abari bafite iki kibazo. Nageze aho nsa nubivuyemo menyera ubuzima bwo gucumbika, aho nabaga mu tuzu tubi kubera nta bushobozi.

Byari imbogamizi kutagira aho mba nita iwanjye kuko byamfatanyaga no kutagira ubushobozi bityo imibereho ikarushaho kumbana mibi cyane."

Niyitegeka avuga ko yanezerewe cyane yumvise ahamagawe akabwirwa ko yitegura kuko yabonewe inzu agiye gutuzwamo.

Ati: "Numvise ntunguwe cyane ko bampamagaye, nagize ibyishimo byinshi nsigara mfite amatsiko yo kumenya aho ngiye gutuzwa. Tugejejwe aha kubyakira byarangoye, kuko twahawe inzu yubatse neza, ifite ibikenewe byose, amashanyarazi, amazi hafi, hanyuma b'ibikoresho byose mu nzu."

Yongeyeho ati: "Uyu munsi ndashima cyane ubuyobozi bwaturokoye bukaba bukomeje no kuduhangayikira bushakisha uko tugenda tuva mu bibazo twasigiwe n'amateka mabi yatubayeho. Nabagaho nsha inshuro nubwo ubu nta butaka ndabona ariko nibura ni yo nshuro ngiye kuyica mfite aho ntaha ejo n'ejobundi bizaba byiza."

Ubuyobozi bw'Akarere ka Nyagatare buvuga ko bashyize imbere gahunda yo gushakirwa hamwe ibisubizo ku bibazo bibangamiye imibereho y'abaturage.

Umuyobozi w'Akarere wungirije ushinzwe imibereho myiza, Murekatete Juliette yagize ati: "Dufite ibyiciro bitandukanye by'abaturage bakeneye aho kuba hakwiye. Ni yo mpamvu dusaba abayobozi mu Midugudu nabo bafatanya kureba no gukurikirana abantu bashora gushyirwa mu kaga n'aho batuye kutumenyesha turafatanya gushaka uko abo bantu bagira icyo bakorerwa."

Ku ruhande rw'abarokotse Jenoside yakorewe Abatutsi batarubakirwa ubuyobozi bwa Ibuka mu Karere buherutse gutangaza ko aba biyongeraho n'abafite inzu zikeneye gusanwa zisaga 400.

# Rutsiro: Bubakiwe ikiraro cya miliyoni 124 Frw gisimbura icyasenywe n'ibiza

**KWIZERA Jean de Dieu**

**Abaturage bo mu Kagari ka Mageragere na Cyarusera, Umurenge wa Mushubati, Akarere ka Rutsiro, barashimira ubuyobozi bwabubakiye ikiraro cya Kizibaziba cyasenywe n'ibiza byo mu ijoro ryo ku ya 2 Gicurasi 2023 byahitanye abantu 135 abandi barenga 110 bagakomereka.**

Ni ikiraro kiri hafi kuzura gihuza Umudugudu wa Cyahafi mu kagari ka Cyarusera, n'Umudugudu wa Rarankuba mu Kagari ka Mageragere, biteganywa ko kizuzura mu kwezi gutaha gitwaye miliyoni zisaga 124.

Icyo kiraro cya Kizibaziba kiri mu mitungo n'ibikorwa remezo bifite agaciro ka miliyari zisaga 222 z'amafaranga y'u Rwanda byangijwe n'ibyo biza byibasiye Intara y'Iburengerazuba, iy'Amajyaruguru n'iy'Amajyepfo.

Abaturage bo mu Tugari twa Cyarusera na Mageragere bahuzwa n'icyo kiraro, bavuga ko isenyuka ry'icyo kiraro ryangije ubuhahirane kuko kitari kigifite ubushobozi bwo kunyuraho imodoka nini zitwara umusaruro.

Mu nkuru Imvaho Nshya yakoze kuri icyo kiraro ku wa 19 Ugushyingo 2024, abaturage basabaga ko cyakorwa dore ko uretse aberekezaga ku Bitaro bya Mushubati, n'ubuhahirane bw'imyaka yambutswaga ijyanwe ku isoko byose byari byarahagaze.

Kuri ubu abaturage barashima ubuyobozi n'itangazamakuru ryabakoreye ubuvugizi, kuri ubu bakaba babonye ikiraro kijyanye n'igihe badashidikanya ko kizaramba bitewe n'ubuhanga cyubakanywe.

Bagaragaza uretse kuba nta mpanuka kizongera kubateza kuko cyubatse mu buryo bugezweho n'imirimo bakaba babona irimo kwihuta.

Murokore Anaclet yagize ati: "Mbere na mbere turabashimira ko mwabashije kudukorera ubuvugizi ubwo muheruka aha. Ni byiza kuko ikiraro cyacu barimo kugikora kandi harabura ukwezi kumwe ngo kirangire kuko batubwiye ko muri Kamena uyu mwaka ari bwo kizarangira."

Yakomeje agira ati: "Twagiraga imbogamizi z'uko isaha n'isaha hazabera impanuka ikomeye kubera ko cyari cyarashaje cyane kandi umuganda wacu ntukibashe, ariko kugeza ubu ubuhahirane bw'abatwara imyaka ku isoko mu modoka ugiye kongera kugaruka n'abagana Ibitaro bya Mushubati biborohere."

Murekatete Gabriella we yagize ati: "Imvaho Nshya mwarakoze ku buvugizi mwakoze kuri iki kiraro. Twari twaratakambye ariko ijwi ryanyu namwe ryatumye byumvikana kuko bahise batangira ku gikora mu mezi make muhavuye. Ni umugisha ku baturage dutuye hano kuko ubu kigiye kuzura."

Mwenedata Jean Pierre, Umunyamabanga Nshingwabikorwa w'Umurenge wa Mushubati, yabwiye Imvaho Nshya ko icyo kiraro gishobora kurangira mu matariki yo hagati y'Ukwezi kwa Kamena.

Yagize ati: "Ni byo ikiraro kirimo kubakwa kandi imirimo irimo kwihuta kuko byari biteganyijwe ko kigomba kurangira mu matariki abanza y'ukwezi kwa Nyanga, ariko bitewe n'uko imirimo iri kwihuta gishobora kurangira mu ma tariki yo hagati y'Ukwezi kwa Kamena."

Ubuyobozi bsw'Akarere ka Rutsiro buvuga ko bwubatse icyo kiraro mu rwego rwo kurushaho guharanira ko imibereho y'umuturage yarushaho kuba myiza, no gushaka ibisubizo by'ingaruka z'ibiza.



Abaturage bo mu Murenge wa Mushubati barashimira ubuyobozi bwabubakiye ikiraro





# Rutsiro: Ahangayikishijwe n'ubuzima bubi abanyemo n'abana be 5

**KWIZERA Jean de Dieu**



Mukamana Vestine abayeho mu buzima buhangayikishije, yifuza kuba yafashwa

Umubyeyi witwa Mukamana Vestine utuye mu Murenge wa Mushubati, Akagari ka Mageragere, Umudugudu wa Nyarusange arasaba ubufasha kuko ngo agorwa no gutunga umuryango w'abana batanu, ku bishyurira ishuri, ku bishyurira ubwishingizi mu kwivuza, kubambika n'ibindi kuko ngo n'akaboko ke kadakora neza kubera ko kavunitse bityo agasaba ubufasha.

Mukamana Vestine avuga ko igihe kinini atoroherwa no kubona ibyo kurya kubera ko ibiraka abona bidahoraho.

Yabwiye Imvaho Nshya ati: "Ubuzima mbayemo ni bubi cyane njye n'abana banjye, kuko niba nakoreye 1 500 RWF uyu munsi haravamo isabune, nkuremo icyo barya kandi ntibabona n'amafaranga yo ku ishuri. Mbega ubuzima mbayemo buragoye kuko kaboneka ubu kakazongera kuboneka nka nyuma y'iminsi runaka."

Avuga ko aramutse abonye ubufasha byatuma arushaho kwita ku muryango we.

Ati: "Ni ukuri hagize ubufasha Leta impa, ni yo bwaba inka, nkashaka uruterane mpinga, bishobora kudufasha ahari n'abana babona amakayi bakajya ku ishuri."

Ubuyobozi bwo mu Nzego z'ibanze, mu Kagari ka Mageragere buvuga ko buzi icyo kibazo.

Buti: "Ikibazo cyo kuba akennye turakizi kandi twagiye tumufasha muri bimwe, ubwo icyo cyo kuba yarasabye guhabwa Girinka tuzakirebaho na Komite ya Girinka , amategeko n'amabwiriza bikurikizwe, ubwo naba uwo kuyihabwa abikwiye azayihabwa."

Umuturanyi we witwa Muhutukazi Dativa yabwiye Imvaho Nshya ko Mukamana akeneye izindi mbaraga zamufasha akabasha kwita kubana be.

Ati: "Uyu mubyeyi ni umukene utagira isambu kandi n'akaboko ke kamwe karavunitse. Iyo atabonye aho akora imirimo yoroheje ni ukuburara cyangwa natwe twagira amahirwe tukamugoboka, nabona akaraka ashoboye nkamurangira gutyo gutyo, kuko ubuvugizi kuri we twarabukoze ariko bikarangira gutyo."

Mukansonera Consolee na we uturanye na Mukamana yagize ati: "Uriya mubyeyi aca inshuro, nta kintu aheraho, none dore n'akaboko karavunitse. Ariko kuva afite abana aramutse abonye Girinka abana bakajya bamufasha kuyahirira, yagurisha ifumbire, hagira umuha umurima w'uruterane, agashyiramo ifumbire agakuramo icyo kurya akaba yanakwiteza imbere nk'abandi."

Yakomeje agira ati: "Twakomeje kujya tumukorera ubuvugizi aho dutuye tumusabira inka muri gahunda ya Leta ariko ntibikunde."

Umunyamabanga Nshingwabikorwa w'Umurenge wa Rutsiro Mwenedata Jean Pierre, yavuze ko ikibazo cya Mukamana Vestine atari akizi, icyakora ahamya ko akorana n'izindi nzego bagashaka uko bamumenya bakamufasha.

Yagize ati: "Icyo kibazo cy'uwo mubyeyi ntabwo nari nkizi ariko tugira gahunda zo gufasha abantu batishoboye ubwo na we tuzamushaka tumufashe kuko ikibazo twacyumvise".

Ku byo kuba yahabwa Girinka, Mwenedata yavuze ko n'ubusanzwe Girinka zitangwa n'abaturage bityo bakaba bazagenzura ibyifuzo by'abo baturage, bamutanga na we akayihabwa.

Ati: "N'ubundi inka zitangwa n'abaturage kuko iyo dutangiye umwaka, turavuga ngo tugiye gutoranya abantu tuzaha inka, mu Mudugudu bakicara bagatoranya bakabashyira ku rutonde, twe icyo dukora ni ukurwemeza nka Komite ya Girinka, ubwo nitumubona babimusabiye nta kabuza tuzayimuha."

# Nyagatare: Ivuriro ryatwaye asaga miliyoni 600 ryabaye igisubizo

**HITIMANA Servand**

*Abagana ikigo nderabuzima cya Nyagatare bishimira ko bubakiwe ivuriro rishya ryatwaye amafaranga y'u Rwanda 698 422 248, byatumye abagana iri vuriro bahabwa serivisi neza bakazibonera heza.*



Ivuriro bubakiwe ryatumye baherwa serivisi ahantu heza

Abahivuriza bavuga ko izo nyubako nshya zaje kubaruhura ibibazo bikomeye bahuraga nabyo.

Ubusanzwe ngo bakiririrwaga mu nzu ntoya cyane ya kera, bikiyongeraho umubare munini w'abagana iryo vuriro, aho byatumaga haba umubyigano, aho ababyeyi babiri barashoboraga kwakiririrwa ku gitanda kimwe.

Cyakwela Dorin yagize ati: "Tutarabona izi nyubako nshya kandi nziza twarahababariye. Urumva kuza urwaye ukicara mu mubyigano aho twahuriraga kuri kariya kazu gato kari hariya hepfo, ukabura ubuhumekero umuganga akakugeraho warushijeho kuremba."

Akomeza agira ati: "Nyamara uyu munsi ibintu byarahindutse. Noneho usigaye ugera naho wakira serivisi ukagira ngo nta bantu bakigana ivuriro kubera ko abantu baba bari ku yindi miryango bakiraho serivisi. Ubu urakirwa neza ntawukubyiga, nta rwaserera."

Uretse abaza kwivuza, icyo gikorwa remezo kishimirwa n'abakenera izindi serivisi zihatangirwa zirimo izo kuboneza urubyaro, kwita ku mirire, kwipimisha ku bagore batwite n'izindi.

Ruhakana John yagize ati: "Ni ukuri njyewe sinabona uko mvuga ibitangaza turi kubona mu majyambere y'iki gihugu. Uherekejeje umugore wawe aje kwipimisha inda uhita ubona ko aho hantu hubahishije abantu, haratuje, nta mpumuro mbi nk'izo twajyaga duhura nazo mu mavuriro, mbega nta kuhinubira."

Yongeraho ko ubu nta muntu ushobora kwiganyira kuza kubyarira kuri iryo vuriro kuko umunsi ku munsi haboneka ibisubizo ku kunoza servisi.

Umuyobozi w'Akarere ka Nyagatare Gasana Stephen avuga ko Akarere gakomeje kongera ibikorwa remezo bigamije gufasha abaturage, aho mu byibandwaho harimo n'amavuriro.

Yagize ati: "Inyubako yaje ikenewe cyane aho yabaye igisubizo ku baturage. Mu rwego rw'ubuzima dukora ibishoboka ngo abaturage babonere serivisi hafi kandi ahantu heza."

Yasabye abaturage kuhabyaza umusaruro bakubahiriza gahunda zo kwivuriza ku gihe kugira ngo bataremba bakabura uko bakora ibibateza imbere. kuri ubu nta rwitwazo rwo kubura aho bakiririrwa."

Ikigo nderabuzima cya Nyagatare giha serivisi abagera ku bihumbi mirongo itanu n'icyenda n'abantu 95 baturuka mu nkengero z'ahubatse iryo vuriro.

# Karongi- Ruhango: Impungenge ni zose ku kiraro cyo mu kirere cyangiritse

**BAHUWIYONGERA Sylvestre**

***Ukwezi kurirenze abaturage b'Umurenge wa Murambi mu Karere ka Karongi mu Ntara y'Iburengerazuba batagenderanira byoroshye n'ab'Umurenge wa Kinihira mu Karere ka Ruhango mu Ntara y'Amajyepfo kubera ikiraro cyo mu kirere kiri ku mugezi wa Nyabarongo cyabahuzaga cyangiritse bikomeye, kitakiri nyabagendwa.***

Icyo kiraro nk'uko abaturage b'Imirenge yombi bagikoreshaga babibwiye Imvaho Nshya, bacyita ikiraro cyo kwa Kajamage, kimaze imyaka irenga gato 10 cyubatswe, cyari cyubatswe ku busabe bw'abaturage, kuko kugira ngo bahure basabane cyangwa bahahirane baciye ahandi hatari aho, byasabaga amasaha atari munsi y'atanu kugenda gusa.

Hakizimana Emmanuel wo mu Murenge wa Murambi, yagize ati: "Cyadutabaraga rwose abanyamaguru, baba abaturuka mu Ruhango baza kwivuriza ino ku bitaro bya Kirinda, n'abakoreshaga Ivuriro ry'ibanze rya hano bivuza, abajya ku masoko, abana bajya kwiga mu yisumbuye bitewe n'icyo bashaka kwiga hakurya cyangwa hakuno, ubu byose bisa n'ibyahagaze."

Akomeza asobanura ko Cyashenywe n'imvura nyinshi yaguyeNyabarongo iruzura iragihitana ibice byacyo bimwe bitwarwa n'amazi, ubu ntawahanyura yarohama muri Nyabarongo.

Mutuyemariya Eugénie wo mu Murenge wa Kinihira, Akarere ka Ruhango avuga ko aho kibonekeye byabarinze kuzenguruka bajya kunyura ku kiraro kinini cy'imodoka



**Ikiraro cyahuzaga Uturere twa Ruhango na Karongi cyarononekaye**

gihuza Karongi na Ruhango, bakoreshaga amasaha arenga 5 kugenda gusa, iki cyo, kuva mu Karere kamwe ujya mu kandi nta minota na 30 yari irimo n'amaguru, bitewe n'aho umuntu yaturukaga.

Ati: "Yari inzira yacu nziza y'ubusamo ku baturanyi bombi, kuko kunyura ku kiraro kinini byafataga amasaha arenga 5 ngo umuntu azagere aho yajyaga."

Yakomeje asobanura ko iyangirika ry'icyo kirarao ryabangamiye abajyaga kwivuza kuko uwarembaga yambukaga ajya i Karongi ku bitaro bya Kirinda, amasoko ya Karongi na Ruhango, imihahiranire, abana bajyaga kwiga bari mu gihirahiro.

Abo baturage bifuza ko icyo kiraro cyakongera kikubakwa.

Umunyamabanga Nshingwabikorwa w'Umurenge wa Murambi mu Karere ka Karongi, Kazabaganwa Vedaste avuga ko iki kiraro gifite hagati ya metero 20 na 25, cyubatswe mu kirre hejuru y'umugezi wa Nyabarongo ngo cyoroshye imigenderanire hagati y'Uturere twa Karongi na Ruhango.

Ati: "Ikiraro cyafashaga abaturage cyane kuko hari n'imiryango yo hakurya no hakuno iba yarashyingiranye yagikoreshaga mu gusurana, aho kwivurizaku ivuriro ry'ibanze n'ibitaro bya Kirinda benshi bambukaga baza kwivurizamo, ariko ubu ntikikiri nyabagendwa."

Yakomeje agira ati: "Imvura nyinshi yaguye mu ntangiriro z'uku kwezi kwa Gicurasi yashenye bigaragara bimwe mu byari bikigize. Twabujije abaturage kongera kugicaho kuko cyateza impanuka,ubu ntigikoreshwa."

Yizeza abaturage bagikoreshaga ko imirimo yo kugisana itazatinda kuko ubuyobozi bw'Akarere ka Karongi n'abafatanyabikorwa bako bari mu nyigo y'uburyo cyasanwa.

Igihe kitarasanwa abaturage bakigirwa inama yo kwihangana bakaba baca izindi nzira zabahuza nubwo ari iza kure.

# Ngororero: Babangamiwe n'abacuruzi b'amatungo bayatwara mu modoka z'abagenzi

**NGABOYABAHIZI Protais**

***Bamwe mu bagenzi bakoresha umuhanda Ngororero-Rubavu binubira imyitwarire y'abacuruzi b'amatungo magufi, bajyana ayo matungo mu mifuka bayitwaje mu modoka zitwara abagenzi, ibintu bavuga ko bibangamira isuku n'umutekano wabo.***

Abo bagenzi bavuga ko kubatwarana n'amatungo mu modoka bibateza impungenge z'indwara zituruka ku nyamaswa, binanduza imyambaro kandi bigatuma urugendo rubabera rubi.

Shimirwa Moses, yabwiye Imvaho Nshya ati:"Abacuruza amatungo magufi nk'inkoko n'inkwavu bajya bazana imifuka irimo ayo matungo muri tagisi tukicarana. Ibi bitwanduriza imyenda, ndetse tukagira impungenge z'indwara zishobora kuva kuri ayo matungo. Twifuza ko abagenzi n'amatungo bagira



**Abacuruza inkoko ngo bazishyira mu dufuka bakagendana nazo mu modoka**

uburyo butandukanye bwo gutwarwa."

Ku rundi ruhande, abacuruzi b'amatungo bavuga ko ikibazo gishingiye ku kubura uburyo bwihariye bwo gutwara amatungo magufi.

Sindiheba Alphonse, umucuruzi ukorera mu isoko rya Kabaya, yagize ati: "Nkanjye ntuye Rubavu, mba naje kugura inkoko cyangwa inkwavu. Nta bundi buryo bwo kuzitwara uretse tagisi. Iyo nguze imyanya ibiri, ndambikaho udufuka turimo inkwavu cyangwa inkoko. Ntabwo twabasha kwigondera imodoka zihariye nk'izitwara inka."

Umuyobozi w'Akarere ka Ngororero wungirije ushinzwe imibereho myiza y'abaturage, Mukunduhirwe Benjamine, yavuze ko iki kibazo batari bakizi, ariko bagiye kugikoraho kugira ngo haboneke igisubizo gihamye.

Yagize ati:"Ni ihame ko amatungo atagomba gutwarwa hamwe n'abagenzi. Tugiye kwegera impande zombi, abacuruzi n'abatwara abagenzi, turebe uko bashyira hamwe bashaka uburyo bwo gutwara amatungo mu buryo bwihariye. Twizeye ko tuzabigeraho kuko dufite abaturage bumva vuba.

Impuguke mu by'ubuzima zivuga ko kubana n'amatungo hababo ibyiza ariko habamo n'ibibi, ariko ingaruka harimo **Indwara zituruka ku nyamaswa (zoonoses).**

Amatungo ashobora gutera indwara nk'inkorora, rubela, brucellosis, leptospirosis, n'izindi.

Izi ndwara zishobora kwandura binyuze mu maraso, imyanda, cyangwa ibiribwa byanduye.

**Indwara z'ibyorezo (panzootics),** indwara nk'inkorora y'inkoko (H5N1) zishobora kwandura mu nyamaswa nyinshi, zigatera igihombo gikomeye mu buhinzi n'ubworozi.

**Kwiyongera k'ubwandu bw'indwara,** imikoreshereze y'imiti mu matungo ishobora gutera ubwandu bw'indwara budakira, bugatera ibibazo mu buvuzi bw'abantu.

**Ibibazo by'isuku n'umutekano** kubana n'amatungo mu ngo bishobora guteza ibibazo by'isuku, nk'imyanda y'amatungo, bigatera indwara ziterwa n'umwanda.

Akarere ka Ngororero kazwiho kugira ubworozi bw'ingeri zose, haba amatungo magufi n'amaremare. Abaturage bemeza ko kugira uburyo bwihariye bwo gutwara amatungo bituma hirindwa isuku n'ibibazo by'ubuzima, ndetse bikazamura n'iterambere ry'ubucuruzi bw'amatungo mu masoko.





# Huye: Abamotari basabwa kubunga-bunga ubuzima bw'abagenzi

**UWIZEYIMANA Aimable**

***Abatwara abagenzi kuri moto barashishikarizwa gukoresha kasike zujuje ubuziranenge zikingira ubuzima bw'abagenzi batwara.***

Ubu butumwa bwagarutsweho mu bukangurambaga bugamije gukangurira abakoresha moto gukoresha kasike ikwiye abari kuri moto barimo n'abagenzi, bwabereye mu Karere ka Huye ku wa 29 Gicurasi 2025. Bityo, Minisiteri y'Ibikorwa Remezo, irasaba abatwara abagenzi kuri moto kujya bubaha ubuzima bw'Abagenzi babagana.

Umuyobozi muri Minisiteri y'Ibikorwa Remezo, ushinzwe gutwara abantu n'ibintu, Byiringiro Alfred, avuga ko abamotari bakwiye kujya bubaha bakanarinda ubuzima bw'abagenzi babagana.

Ati: "Icyo nabwira abatwara abagenzi kuri moto, nibagerageze kubaha abagenzi baza babagana kandi baharanire kurinda ubuzima bwabo cyane cyane bakoresha kasike zuzuje ubuziranenge zifasha umugenzi kumurinda."

Abagenzi bagenda kuri moto ndetse n'abamotari bakorera mu Karere ka Huye, bavuga ko kasike zuzuje ubuziranenge, zizakemura ibibazo byari bisanzwe biterwa n'izisanzwe birimo kumeneka ubusa cyangwa zikava mu mutwe igihe uyambaye aguye kandi yakabaye imurengera.

Motari Ngiruwonsanga Iddi Jean Pierre ati: "Ubusanzwe kasike twari dusanzwe dukoresha iyo yamaraga umwaka wabonaga ntacyo ikimaze, kuko yatangiraga kumeneka ubusa, ubundi wayambika umugenzi ntimufate kandi ariyo yakabaye imurinda. Rero ndumva izi Kasike bari kutubwira zizakemura ibyo bibazo."



**Abamotari bakanguriwe kwita ku buzima bw'abagenzi bakoresha kasike zujuje ubuziranenge**

Ni mu gihe Sano Valentin, umuturage w'i Huye usanzwe ugenda kuri moto we agira ati: "Njyewe rwose biranshimishije ko hagiye kuza izindi kasike, kuko nari ndi mu gihirahiro cyo kuba nanjye nzisukisha kugira ngo mbone kasike inkwira, bitewe n'uburyo Umumotari aguha iyo wambara ikagenda ihenanguka imbere mu maso idafashe mbese ukagenda nawe uri mukazi ko kuyifata nk'aho yakabaye ariyo igufata".

Umuyobozi wungirije wa Polisi y'u Rwanda mu Ishami rishinzwe umutekano wo mu muhanda, CSP Habintwari Vincent, akaba avuga ko urugendo rwo kuri moto ruba rukeneye umutekano uhagije, ari yo mpamvu Leta yarebye kure igashakira igisubizo za kasike wasangaga ziteza ibibazo.

Aragira ati: "Nyuma y'ubusesenguzi bwakozwe, twasanze bagenda kuri moto bakeneye kasike zirinda imitwe yabo neza, kuko umutwe ari urugingo rukomeye, rw'umubiri w'umuntu, bityo hashakwa kasike yujuje ibipimo by'ubuziranenge, ku buryo abagenzi badakeneye kwambara kasike by'umuhango gusa, ahubwo dukeneye ko bambara izibakwira neza zishobora kurinda ubuzima bwabo."

Kuri ubu mu Karere ka Huye habarurwa abamotari basaga 1800, ari na bo basabwa kimwe n'abandi bose mu Gihugu, kwita ku buzima bw'abagenzi batwara kuri moto, mu gihe Ubuyobozi muri Minisiteri ishinzwe Gutwara Abantu n'Ibintu, butangaza ko kasike zuzuje ubuziranenge, zizatangira gukwirakwizwa mu gihugu hose mu gihe kitarenze amezi abiri, aho imwe izajya igura hagati y'amafaranga ibihumbi mirongo itatu(30 000frw) n'ibihumbi mirongo ine (40000frw).

# Musanze: Munanguzi, inzoga y'inkorano iteje impagarara

**NGABOYABAHIZI PROTAIS**

***Mu Murenge wa Muko, Akarere ka Musanze, abahatuye babangamiwe cyane n'inzoga y'inkorano yitwa 'Munanguzi' kuko iteje umutekano muke bitewe nuko uwayinyoye aba atagitekereza neza bigateza urugomo.***

Abaturage bo mu bice bitandukanye by'Umurenge wa Muko bavuga ko inzoga ya Munanguzi yaje yiyongera ku zindi z'inkorano zagiye zivugwa muri ako karere, ariko ikaba yarabaye iy'ikirenga mu guteza ibibazo.

Umwe muri bo wahawe izina Ndizeye (izina ryahinduwe) yabwiye itangazamakuru ko iyo nzoga iyobya imitekerereze y'uwayinywe.

Ati: "Inzoga ya Munanguzi unywa icupa rimwe ukaba utagishoboye kumenya aho uri. Abagabo bayinywa baritwara nabi, bamwe bagateza amakimbirane mu ngo zabo."

Uyu muturage avuga ko hari abarangiza umunsi batakibasha



**Iki ni igitariro cy'inzoga z'inkorano, harimo iyitwa Munanguzi ngo iyobya imitekerereze y'uwayinyweye**

gutaha, abandi bakaba bagaragaza ibimenyetso birimo gutitira no kuvuga ibintu bidafututse nyuma yo kunywa iyi nzoga.

Bamwe mu baturage bavuga ko inzoga ya Munanguzi ikorwa mu buryo butemewe, aho ikorwamo ibinyabutabire bishobora kwangiza ubuzima bw'abantu, nka sarumaka (yangiza ubwonko), Sipuriti (spirit ikoreshwa mu masalon yo kogosha), Pakimaya, isukari, amasaka n'ibyatsi byo mu gasozi.

Ibyo bikoresho byose bikoreshwa nta bipimo bifatika by'ubuziranenge, bikaba ari byo bituma iyi nzoga igira ubukana bwinshi.

Umuvugizi wa Polisi mu Ntara y'Amajyaruguru, SP Jean Bosco Mwiseneza, yasobanuye icyo ikora mu guhashya izo nzoga z'inkorano.

Yagize ati: «Nyuma yo kubona amakuru yizewe, twafashe abantu batanu bakekwaho gukora no gukwirakwiza inzoga zitujuje ubuziranenge, bafatiwe mu Midugudu ya Susa, Gakoro, Bugese na Ngabane yo mu Tugari twa Kivugiza na Mburabuturo, mu Murenge wa Muko, Akarere ka Musanze »

Yongeyeho ko Polisi izakomeza ibikorwa byo gukurikirana abakora inzoga zitujuje ubuziranenge, anasaba abaturage gukomeza gutanga amakuru ku gihe.

Yakomeje avuga ko inzoiga zafashwe zamenwe.

Ati: "Polisi y'u Rwanda ikorera mu Ntara y'Amajyaruguru yamennye litiro 5,070 z'inzoga y'inkorano ku wa 30 Gicurasi 2025, harimo n'iyiswe Munanguzi, nyuma yo kumenyeshwa n'abaturage ko zigira ingaruka mbi ku buzima ndetse no ku mutekano wabo."

Munanguzi yiyongereye ku rutonde rw'inzoga zitujuje ubuziranenge mu Ntara y'Amajyaruguru zirimo Muhenyina, Nzogejo, Umumanurajipo, Karutare, Sinzundongoye, umutaragweja.

Leta irasaba abaturage cyane cyane urubyiruko, kwirinda kunywa inzoga batazi inkomoko yazo n'ibizigize, kuko uretse kwangiza ubuzima zishobora no guteza amakimbirane mu miryango ndetse no guhungabanya umutekano rusange.

Imvaho Nshya Imyidagaduro

# Ku Nkombo hagiye kubakwa ikigo ndangamuco kizateza imbere umuco n'imyidagaduro

**MUTETERAZINA Shifah**

***Ubuyobozi bw'Inteko y'Umuco bwatangaje ko ku kirwa cya Nkombo hagiye kubakwa ikigo ndangamuco kizateza imbere ibirimo n'ibikorwa by'imyidagaduro.***

Byagarutsweho ubwo hizihizwaga umunsi mpuzamahanga w'Ingoro z'Umuco wabereye mu Karere ka Karongi ku wa Gatatu tari 28 Gicurasi 2025.

Ni umushinga wemejwe nyuma y'uko hagaragajwe amahirwe ashingiye ku bukerarugendo bushingiye ku muco, agaragara mu Turere tugize Intara y'Iburengerazuba by'umwihariko uduhurira ku kiyaga cya Kivu tugera muri dutanu, higwa uburyo hashobora kubyazwa umusaruro bikagirira akamaro abahaturiye by'umwihariko kureba uko urubyiruko rwaho rwatera imbere mu myidagaduro.

Ntagwabira Andrew umukozi ushinzwe ubushakashatsi mu Nteko y'Umuco akaba ari no mu itsinda ryakoze ubushakashatsi kuri uwo mushinga, avuga ko muri iyo nzu harimo igice kizateza imbere ubuhanzi.

yagize ati: "Hazaba harimo igice kimwe kizagaragaramo umwanya wo gutaramiramo, hashobora kuza undi ukora umuziki. Dufite urubyiruko rwinshi rukora ubuhanzi bushingiye ku bugeni, hazabonekamo icyumba cyo kumurikiramo ibikorwa byabo."

Harimo igice urubyiruko ruzajya ruhuriramo bakarushaho gukuza impano zirimo imbyino, gushushanya n'ubusizi byose bishingiye ku gufashwa kubibyaza umusaruro."

Intebe y'Inteko Prof. Robert Masozera, avuga ko ari igikorwa batangiye gutekereza mu 2023, binyuze mu nama nyunguranabitekerezo yakorewe mu Karere ka Rusizi.

Umunyamabanga Uhoraho muri Minisiteri y'Ubumwe bw'Abanyarwanda n'Inshingano Mboneragihugu Mahoro Eric, avuga ko ari igokorwa bateganya ko kizafasha urubyiruko mu buryo bwo kwidagadura no kwigira ku muco.

Ati: "Buri gice cy'u Rwanda gifite umwihariko wacyo, buriya ariko icyo turebaho cyane kurushaho ni uburyo abafite ubuhanzi, umurage bitagaragara uko bikwiye, ari nayo mpamvu birimo gutekerezwa uko hakubakwa ikigo ndangamuco ku Nkombo kugira ngo abahatuye bibagirire akamaro."

Umunsi Mpuzamahanga w'Ingoro z'Umurage usanzwe wizihizwa tariki 18 Gicurasi buri mwaka, mu 2023-2024 abazisura bakaba bariyongereye bakangana na 257 000 mu gihe Abanyamahanga bagera ku 38 000.



Ku kirwa cya Nkombo hagiye kubakwa ikigo ndangamuco



Rev. Past Rutayisire Antoinne ubwo yari yatumiwe mu gitaramo cy'urwenya cya Gen-z Comedy

## Rev Past Dr Rutayisire yibukije urubyiruko kugira intego y'icyo babereyeho

**MUTETERAZINA Shifah**

***Rev. Past Dr Antoine Rutayisire, yahishuriye urubyiruko icyabafasha guhangana n'ibibazo byo mu mutwe bishingiye ku ndwara y'agahinda gakabije kuko abenshi mu rubyiruko bakunze kwibasirwa n'iyo ndwara.***

Asanzwe azwiho kuba inshuti y'urubyiruko bitewe n'uko mu biganiro bye akunze kwibanda cyane ku nama zabafasha, kubera ko ari ikigero gikunze guhura n'ibigoye byinshi, bakisanga bakeneye inama z'ababaruta kugira ngo bashobore guhangana nabyo.

Ubwo yari yatumiwe mu gitaramo cy'urwenya cya Gen-z Comedy cyabaye mu ijoro ry'itariki ya 29 Gicurasi 2025, Rev. Past Dr Rutayisire yabajijwe ibituma urubyiruko runyura mu bigoye hakabamo abananirwa kwihangana bagahitamo kwiyahura.

Mu gusubiza uyu mushumba yagize ati: "Hari umwana umwe wagerageje kwiyahura, hanyuma tuganiriye ndamubaza nti ese hari umuntu wari wakubaza ngo ubereyeho iki? Arambwira ati oya, nti, nagerageje kukuvura ntawe urakubaza icyo ubereyeho, ndamubwira nti umunsi uzamenya icyo ubereyeho, ubuzima buzoroha. Wowe uri hano ukwiye kumenya icyo ubereyeho."

Agerageje kubaza abitabiriye icyo gitaramo icyo babereyeho, umwe mu rubyiruko yamusubije ko abereyeho kwishima. Agendeye kuri icyo gisubizo Dr Rutayisire amusubiza ko iyo atari intego y'ubuzima.

Ati: "Kwishima? Iyo si intego y'ubuzima, ibyo ni bito cyane kuko urara useka uyu mugoroba ejo mu gitondo nta munyarwenya uzaba uhari wo kugusetsa, shaka intego nini yagutera imbaraga zo kubaho."

Raporo y'Umuryango Mpuzamahanga wita ku buzima (WHO), igaragaza ko abagera kuri milliyoni 280 ku Isi barwaye indwara y'agahinda gakabije, kandi hatagize igikorwa, mu 2030 izaba iri imbere mu zizahitana benshi ku Isi.

Buri mwaka abarenga 800 000, bari mu kigero cy'imyaka 15-29, bapfa bazize kwiyahura kubera agahinda gakabije.





# Paris Saint Germain yegukanye UEFA Champions League ku nshuro ya mbere





Paris Saint Germain yishimiye kwegukana UEFA Champions League ku nshuro ya mbere

**SHEMA Ivan**

***Paris Saint-Germain yegukanye UEFA Champions League bwa mbere mu mateka, nyuma yo gutsinda Inter Milan ibitego 5-0 ku mukino wa nyuma.***

Uyu mukino w'ishiraniro wabereye kuri Stade Allianz Arena mu Gihugu cy'u Budage, mu ijoro ryo ku wa Gatandatu tariki ya 31 Gicurasi 2025.

Ni umukino wabimburiwe n'ibirori byo kuwutangiza, aho itsinda ry'abacuranzi bo mu njyana ya Rock rya Linkin Park ryasusurukije abafana mbere y'uko abakinnyi bakomeye ari bo Javier Matías Pastore na Javier Adelmar Zanetti basohora igikombe cyari kigiye gukinirwa.



Ibyishimo byari byinshi ku bakinnyi ba PSG nyuma yo gukora amateka yo kwegukana UEFA Champions League bwa mbere

Umusifuzi w'Umunyaromaniya, István Kovács, yatangije umukino ndetse iminota ya mbere yiharirwa na Paris Saint-Germain, yanabonye igitego cya mbere ku munota wa 11.

Ni igitego cyinjijwe na Achraf Hakimi wari uhagaze neza, aherezwa umupira na Désiré Doué watanze umupira amaze kureba uko abakinnyi ba Inter Milan bahagaze mu bwugarizi.

Doué ukina mu kibuga hagati afasha ba rutahizamu, yitwaye neza muri uyu mukino dore ko ku munota wa 20 yaherejwe umupira na Ousmane Dembélé agahita atsinda igitego cya kabiri.

Iyi kipe yo mu Bufaransa yakomeje gusatira iyo mu Butaliyani bigaragara cyane ko iyirusha, ndetse igice cya mbere yihariye kirangira igerageje uburyo bw'igitego bugera kuri 13, mu gihe indi yari yagerageje bubiri gusa.

Igice cya mbere cyarangiye Paris Saint Germain yatsinze Inter Milan ibitego 2-0.

Ku munota wa 64, Ousmane Dembélé yakinanye neza na Vitinha, na we ahereza umupira Désiré Doué ahita ashyiramo igitego cye cya kabiri muri uyu mukino, ndetse n'icya gatatu.

Uyu mukinnyi w'imyaka 19, yabaye umukinnyi muto ubashije kwinjiza igitego akanatanga umupira uvamo ikindi mu mukino umwe wa UEFA Champions League, aba uwa gatandatu ubikoze muri rusange.

Igitego cya kane cyagiyemo ku munota wa 72, ubwo Khvicha Kvaratskhelia yirukaga agasiga myugariro Alessandro Bastoni, amaze kureba uko umunyezamu Yann Sommer ahagaze, ashyira umupira mu izamu.

Senny Mayulu winjiye mu kibuga asimbuye Fabián Ruiz yatsinze igitego cya gatanu cya Paris Saint-Germain.

Umukino warangiye Paris Saint Germain inyagiye Inter Milan ibitego 5-0, yegukana UEFA Champions League ku nshuro ya mbere mu mateka.

Luis Enrique utoza Paris Saint Germain yabaye umutoza wa gatandatu mu mateka wegukanye UEFA Champions League mu makipe abiri atandukanye nyuma yo kuyihesha FC Barcelona mu 2015.



Désiré Doué yishimira igitego cya kabiri cya Paris Saint-Germain

Imvaho Nshya
# Siporo



NO .E-15 TARIKI 27 GICURASI - 02 KAMENA 2025 RPC P.O.BOX 3854 KIGALI-RWANDA TEL: +250 785 474 045 E-mail: info@rpc.rw

# BAL 2025: Nuni Omot yongewe muri APR BBC yitegura imikino ya nyuma

**SHEMA Ivan**

***Umunyasudani y'Epfo, Nuni Omot yongewe muri APR BBC yitegura imikino ya nyuma ya BAL 2025, izabera i Pretoria muri Afurika y'Epfo kuva ku ya 6 kugeza ku ya 14 Kamena 2025.***

Biteganyijwe ko uyu mukinnyi azagera mu Rwanda mu mpera z'icyumweru, aho azasimbura Dame Miller Jr wagaragaje urwego ruri hasi mu mikino na Nile Conference yabereye i Kigali muri uku kwezi kwa Gicurasi.

Omot asanzwe afite izina rikomeye muri iri rushanwa kuko yaryegukanye mu 2023 ari kumwe na Al Ahly ndetse icyo gihe yabaye umukinnyi mwiza wahize abandi (MVP).

Kuri ubu, uyu mukinnyi w'imyaka 30 yakinaga mu Bushinwa mu ikipe ya Beijing Ducks Basketball Club.

APR BBC iheruka kubona itike yo kwitabira imikino ya nyuma izabera muri Afurika y'Epfo, nyuma yo gusoreza ku mwanya wa kabiri muri Nile Conference.




**Abakinnyi 11 beza bahize abandi muri Shampiyona y'U Rwanda 2024 25 vrai**




**Nicolas Sebwato yatowe nk'umunyezamu mwiza wa 2024 25**




**Niyigena Clement yabaye umukinnyi mwiza wa Shampiyona y'u Rwanda 2024 25**



**Useni Seraphin wabaye umukinnyi mwiza ukiri muto**




**Umar Abba Bugesera FC ashyikirizwa igihembo cy'umukinnyi watsinze ibitego byinshi**



**Ubwo Perezida wa FERWAFA, Munyantwali Alphonse yageraga muri Kigali Convention Center**